

Umwaka wa 49 n°20
17 Gicurasi 2010



Year 49 n° 20
17 May 2010

49^{ème} Année n°20
17 mai 2010

**Igazeti ya Leta ya
Repubulika y'u
Rwanda**

**Official Gazette
of the Republic
of Rwanda**

**Journal Officiel
de la République
du Rwanda**

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

Amategeko/Laws/Lois

N°17/2010 ryo kuwa 12/05/2010

Itegeko rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda.....3

N°17/2010 of 12/05/2010

Law establishing and organising the real property valuation profession in Rwanda.....3

N°17/2010 du 12/05/2010

Loi portant création et organisation de la profession d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda3

N° 18/2010 ryo kuwa 12/05/2010

Itegeko ryerekeye ubutumwa koranabuhanga, umukono koranabuhanga n'iherekanya koranabuhanga.....31

N° 18/2010 of 12/05/2010

Law relating to electronic messages, electronic signatures and electronic transactions31

N° 18/2010 du 12/05/2010

Loi relative aux messages électroniques, signatures électroniques et transactions électroniques.....31

ITEGEKO N°17/2010 RYO KUWA 12/05/2010 RISHYIRAHO KANDI RIKAGENA IMIKORERE Y'UMWUGA W'IGENAGACIRO KU MUTUNGO UTIMUKANWA MU RWANDA
LAW N°17/2010 OF 12/05/2010 ESTABLISHING AND ORGANISING THE REAL PROPERTY VALUATION PROFESSION IN RWANDA
LOI N°17/2010 DU 12/05/2010 PORTANT CREATION ET ORGANISATION DE LA PROFESSION D'EVALUATEURS DES BIENS IMMOBILIERS AU RWANDA

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE
CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS
CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije
Article One: Purpose of this Law
Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo
Article 2: Definitions of terms
Article 2: Définitions des termes

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'URUGAGA RW'ABAKORA UMWUGA W'IGENAGACIRO KU MUTUNGO UTIMUKANWA
CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF THE INSTITUTE OF REAL PROPERTY VALUERS
CHAPITRE II: CREATION DE L'ORDRE DES EVALUATEURS IMMOBILIERS

Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Urugaga
Article 3: Establishment of the Institute
Article 3: Création de l'Ordre

Ingingo 4: Ibisabwa ushaka gukora umwuga
Article 4: Requirements to exercise the profession
Article 4: Conditions pour exercer la profession

Ingingo ya 5: icyicaro cy'Urugaga
Article 5: Head office of the Institute
Article 5: Siège de l'Ordre

Ingingo ya 6: Inshingano z'Urugaga
Article 6: Responsibilities of the Institute
Article 6: Attributions de l'Ordre

<u>Ingingo ya 7:</u> Inzego z'Urugaga	<u>Article 7:</u> Organs of the Institute	<u>Article 7:</u> Organes de l'Ordre
<u>Ingingo ya 8:</u> Inteko Rusange y'Urugaga	<u>Article 8:</u> General Assembly of the Institute	<u>Article 8:</u> Assemblée Générale de l'Ordre
<u>UMUTWE WA III: URWEGO RUTUNGANYA IMIKORERE Y'URUGAGA</u>	<u>CHAPTER III: COUNCIL OF REGULATION</u>	<u>CHAPITRE III: CONSEIL DE REGULATION</u>
<u>Ingingo ya 9:</u> Ishyirwaho ry'Urwego	<u>Article 9:</u> Establishment of the Council	<u>Article 9:</u> Création du Conseil
<u>Ingingo ya 10:</u> Abagize Urwego	<u>Article 10:</u> Members of the Council	<u>Article 10:</u> Membres du Conseil
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'Urwego	<u>Article 11:</u> Responsibilities of the Council	<u>Article 11:</u> Attributions du Conseil
<u>Ingingo ya 12:</u> Manda y'Abagize Urwego	<u>Article 12:</u> Term of office for members of the Council	<u>Article 12:</u> Mandat des membres du Conseil
<u>Ingingo ya 13:</u> Itumizwa ry'inama y'abagize Urwego	<u>Article 13:</u> Convening the meeting of members of the Council	<u>Article 13:</u> Invitation à une réunion des membres du Conseil
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama z'Urwego	<u>Article 14:</u> Decisions and minutes of Council meetings	<u>Article 14:</u> Décisions et procès-verbaux des réunions du Conseil
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibigenerwa abagize Urwego bitabiriye inama	<u>Article 15:</u> Council members' sitting allowances	<u>Article 15:</u> Jetons de présence alloués aux membres du Conseil
<u>Ingingo ya 16:</u> Igongana ry'inyungu	<u>Article 16:</u> Conflict of interests	<u>Article 16:</u> Conflit d'intérêts

<u>Ingingo ya 17:</u> Ububasha bw'Urwego ku byerekeye iyandikisha	<u>Article 17:</u> Powers of the Council with regard to registration	<u>Article 17:</u> Pouvoirs du Conseil en matière d'enregistrement
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMIKORERE Y'UMWUGA W'IGENAGACIRO KU MUTUNGO UTIMUKANWA MU RWANDA	<u>CHAPTER IV:</u>ORGANISATION OF THE REAL PROPERTY VALUATION PROFESSION IN RWANDA	<u>CHAPITRE IV:</u> ORGANISATION DE LA PROFESSION D'ÉVALUATEURS DES BIENS IMMOBILIERS AU RWANDA
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ibikurikizwa mu kwiandikisha	<u>Section One:</u> Procedures for registration	<u>Section première:</u> Procédures d'enregistrement
<u>Ingingo ya 18:</u> Ibisabwa kugira wandikwe nk'umugenagaciro	<u>Article 18:</u> Conditions for registration as a valuer	<u>Article 18:</u> Conditions d'enregistrement d'un évaluateur
<u>Ingingo ya 19:</u> Iyandikwa ry'abanyamahanga	<u>Article 19:</u> Registration of foreigners	<u>Article 19:</u> Enregistrement des étrangers
<u>Ingingo ya 20:</u> Kwishyira hamwe no gukorana	<u>Article 20:</u> Association and collaboration	<u>Article 20:</u> Association et collaboration
<u>Icyiciro cya 2:</u> Igitabo cy'urutonde n'icyemezo cy'umugenagaciro	<u>Section 2:</u> Register and valuer's certificate	<u>Section 2:</u> Registre et certificat d'évaluateur
<u>Ingingo ya 21:</u> Igitabo cy'urutonde rw'abagenagaciro bemewe	<u>Article 21:</u> Register of certified valuers	<u>Article 21:</u> Registre des évaluateurs immobiliers agréés
<u>Ingingo ya 22:</u> icyemezo cy'umugenagaciro	<u>Article 22:</u> Valuer's certificate	<u>Article 22:</u> Certificat d'évaluateur
<u>Ingingo ya 23:</u> Gutesha agaciro icyemezo cy'umugenagaciro	<u>Article 23:</u> Cancellation of valuer's certificate	<u>Article 23:</u> Annulation du certificat d'évaluateur

<u>Ingingo ya 24:</u> Uburyo bwo kujurira	<u>Article 24:</u> Procedures for appeal	<u>Article 24:</u> Procédures d'appel
<u>Ingingo ya 25:</u> Gusaba gusubizwa ku rutonde rw'abagenagaciro	<u>Article 25:</u> Request for restoration to the valuers' register	<u>Article 25:</u> Demande de réinscription au registre d'évaluateurs
<u>Icyiciro cya 3:</u> Uko guha agaciro umutungo utimukanwa bikorwa	<u>Section 3:</u> Real property valuation methods	<u>Section 3:</u> Méthodes d'évaluation immobilière
<u>Ingingo ya 26:</u> Abemerewe gukora umwuga w'igenagaciro mu Rwanda	<u>Article 26:</u> People authorized to conduct real property valuation in Rwanda	<u>Article 26:</u> Personnes autorisées à faire l'évaluation immobilière au Rwanda
<u>Ingingo ya 27:</u> Uburyo bwo kugena agaciro	<u>Article 27:</u> Valuation methods	<u>Article 27:</u> Méthodes d'évaluation
<u>Ingingo ya 28:</u> Uburyo bwo kugereranya ibiciro	<u>Article 28:</u> Comparable prices approach	<u>Article 28:</u> Méthode d'estimation par comparaison des prix
<u>Ingingo ya 29:</u> Kugereranya agaciro k'ubutaka hose mu gihugu nk'ubundi buryo bwo kugena agaciro k'ubutaka	<u>Article 29:</u> Comparison of land values countrywide as an alternative land valuation method	<u>Article 29:</u> Comparaison de la valeur des terres à l'échelle nationale, comme une autre méthode alternative d'évaluation des terres
<u>Ingingo ya 30:</u> Uburyo bwo gusimbuza ibiciro ibindi hashingiwe ku iyongeragaciro ryakozwe	<u>Article 30:</u> Replacement cost approach as an alternative valuation method for improvements	<u>Article 30:</u> Evaluation par le coût de remplacement comme méthode alternative pour estimer les améliorations
<u>Ingingo ya 31:</u> Gukoresha uburyo butandukanye bw'igenagaciro	<u>Article 31:</u> Use of multiple valuation methods	<u>Article 31:</u> Utilisation de plusieurs méthodes d'évaluation
<u>Ingingo ya 32:</u> Raporo y'igenagaciro	<u>Article 32:</u> Valuation report	<u>Article 32:</u> Rapport d'évaluation
<u>Ingingo ya 33:</u> Ibanga mu kazi	<u>Article 33:</u> Confidentiality	<u>Article 33:</u> Confidentialité

<u>Ingingo ya 34:</u> Kugongana kw'inyungu mu kazi	<u>Article 34:</u> Conflict of interests	<u>Article 34:</u> Conflits d'intérêts
<u>Ingingo ya 35:</u> Gukora umwuga w'ubugenagaciro utabyemerewe	<u>Article 35:</u> Valuation without Certificate	<u>Article 35:</u> Evaluation immobilière sans certificat
<u>Ingingo ya 36:</u> Impaka zirebana n'igenagaciro ry'umutungo utimukanwa	<u>Article 36:</u> Disputes related to real property valuation	<u>Article 36:</u> Contentieux en rapport avec l'évaluation immobilière
<u>MUTWE WA _____ V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ibiteganyijwe mu nzibacyuho	<u>Section One:</u> Transitional provisions	<u>Section première:</u> Dispositions transitoires
<u>Ingingo ya 37:</u> Ibikorwa by'igenagaciro mbere y'itanzwe ry'iri tegeko	<u>Article 37:</u> Valuation activities prior to the publication of this Law	<u>Article 37:</u> Activités d'évaluation d'avant la publication de la présente loi
<u>Ingingo ya 38:</u> Kwiandikisha ku basanzwe bakora umwuga w'igenagaciro	<u>Article 38:</u> Registration of existing valuers	<u>Article 38:</u> Enregistrement des évaluateurs en activité
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ingingo zisoza	<u>Section 2:</u> Final provisions	<u>Section 2:</u> Dispositions finales
<u>Ingingo ya 39:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 39:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 39:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 40:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 40:</u> Repealing provision	<u>Article 40 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 41:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 41:</u> Commencement	<u>Article 41:</u> Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°17/2010 RYO KUWA
12/05/2010 RISHYIRAHO KANDI
RIKAGENA IMIKORERE Y'UMWUGA
W'IGENAGACIRO KU MUTUNGO
UTIMUKANWA MU RWANDA**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE
RITYA KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA
YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo
kuwa 22 Mata 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003
nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane
cyane mu ngingo zaryo, iya 11, iya 29, iya 30,
iya 31, iya 62, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108
n'iya 201;

**LAW N°17/2010 OF 12/05/2010
ESTABLISHING AND ORGANISING
THE REAL PROPERTY VALUATION
PROFESSION IN RWANDA**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 22
April 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic
of Rwanda of 04 June 2003 as amended to
date, especially in Articles 11, 29, 30, 31, 62,
90, 92, 93, 108 and 201;

**LOI N°17/2010 DU 12/05/2010
PORTANT CREATION ET
ORGANISATION DE LA PROFESSION
D'EVALUATEURS DES BIENS
IMMOBILIERS AU RWANDA
ANDA**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ, ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 22
avril 2010;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à
ce jour, spécialement en ses articles 11, 29,
30, 31, 62, 90, 92, 93, 108 et 201 ;

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imirungire y'ubutaka mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 4, iya 5, iya 6, iya 11, iya 14, iya 17, iya 19, iya 20, iya 30, iya 35 n'iya 67;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda, especially in Articles 3, 4, 5, 6, 11, 14, 17, 19, 20, 30, 35 and 67;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda, spécialement en ses articles 3, 4, 5, 6, 11, 14, 17, 19, 20, 30, 35 et 67 ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5 n'iya 9;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda, especially in Articles 5 and 9;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005, portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en ses articles 5 et 9 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 18/2007 ryo ku wa 19/04/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange;

Pursuant to Law n° 18/2007 of 18/04/2007 relating to expropriation in the public interest;

Vu la Loi n°18/2007 du 18/04/2007 portant expropriation pour cause d'utilité publique ;

Ishingiye ku Itegeko n° 28/2004 ryo ku wa 03/12/2004 ryerekeye imirungire y'imitungo idafite bene yo;

Pursuant to Law n° 28/2004 of 03/12/2004 relating to the management of abandoned property;

Vu la Loi n° 28/2004 du 03/12/2004 relative à la gestion des biens abandonnés ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rishyiraho kandi rikagena imikorere

This Law establishes and organizes the real

La présente loi porte création et organisation

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda.

property valuation profession in Rwanda.

de la profession d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

Under this Law, the following terms shall be defined as follows:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1° **Urugaga:** ihuriro ry'abantu bishyize hamwe bakora umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa kandi bemewe n'amategeko;

1° **Institute:** an association of certified real property valuers;

1° **Ordre:** association des évaluateurs immobiliers agréés ;

2° **umugenagaciro wemewe:** umuntu ubyemerewe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko kandi ubifitiye ubushobozi, wabigize umwuga kandi ukurikiza ubuziranenge n'amabwiriza agenga igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda;

2° **certified valuer:** a competent person authorized, under this Law, to conduct real property valuation as a profession in compliance with standards and regulations applicable in Rwanda;

2° **évaluateur immobilier agréé:** personne compétente autorisée, en vertu de la présente loi, à exercer le métier d'évaluateur immobilier, dans le strict respect des normes et règles applicables au Rwanda;

3° **agaciro kari ku isoko:** ikigereranyo cy'ikiguzi gihwanye n'agaciro ku mutungo utimukanwa igihe igenagaciro rikorewe;

3° **market value:** estimated amount for which a property should exchange on the date of valuation;

3° **valeur du marché:** valeur estimée équivalente à la valeur d'un bien immobilier au moment de l'évaluation ;

4° **umutungo utimukanwa:** umutungo uri ahantu hadahinduka harimo ubutaka, amazu, inzitiro, imisingi n'ibindi bikorwa bitimurwa;

4° **real property:** immovable property including land, buildings, fences, foundations and all other improvements made to the land;

4° **bien immobilier:** propriété, y compris la terre, les bâtiments, les clôtures, les fondations et toute autre amélioration apportée à la terre ;

5° **Urwego:** urwego rutunganya imikorere y'abagenagaciro ku mutungo utimukanwa

5° **Council:** authority regulating the profession of real property valuers in

5° **Conseil:** autorité régulant la profession d'évaluateurs des biens immobiliers au

mu Rwanda;	<i>Official Gazette n° 20 of 17/05/2010</i> Rwanda;	Rwanda;
6° igenagaciro ku mutungo utimukanwa: uburyo bwo kugena agaciro ku mutungo utimukanwa hashingiwe ku biciro biri ku isoko.	6° real property valuation: process of determining the value of a real property based on market value.	6° évaluation immobilière: détermination de la valeur d'un bien immobilier en tenant compte des prix sur le marché.
UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'URUGAGA RW'ABAKORA UMWUGA W'IGENAGACIRO KU MUTUNGO UTIMUKANWA	CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF THE INSTITUTE OF REAL PROPERTY VALUERS	CHAPITRE II: CREATION DE L'ORDRE DES EVALUATEURS IMMOBILIERS
<u>Ingingo ya 3:</u> Ishyirwaho ry'Urugaga	<u>Article 3:</u> Establishment of the Institute	<u>Article 3:</u> Création de l'Ordre
Hashyizweho Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda rwitwa "Urugaga" muri iri tegeko.	An Institute of Real Property Valuers in Rwanda referred to as "the Institute" in this Law is hereby established.	Il est créé un Ordre d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda dénommé « l'Ordre » dans la présente loi.
Inama ya mbere yo gutangiza Urugaga rw'abagenagaciro itumizwa kandi ikayoborwa na Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze.	The first meeting to launch the Institute of Real Property Valuers shall be convened and chaired by the Minister in charge of lands.	La première réunion de lancement de l'Ordre des évaluateurs immobiliers est convoquée et présidée par le Ministre ayant les terres dans ses attributions.
Urugaga rufite ubuzima gatozi kandi rurigenga.	The Institute has legal personality and autonomy.	L'Ordre est doté d'une personnalité juridique et jouit de l'autonomie de gestion.
<u>Ingingo 4:</u> Ibisabwa ushaka gukora umwuga	<u>Article 4:</u> Requirements to exercise the profession	<u>Article 4:</u> Conditions pour exercer la profession
Ushaka gukora umwuga w'igenagaciro agomba kuba umunyamuryango w'urugaga rw'abagenagaciro mu Rwanda.	Any person wishing to practise as a real property valuer in Rwanda shall have to be a member of the Institute.	Toute personne désirant exercer la profession d'évaluateur des biens immobiliers au Rwanda doit être membre de l'Ordre.

Ingingo ya 5: Icyicaro cy'Urugaga

Icyicaro cy'Urugaga kiri mu mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 6: Inshingano z'Urugaga

Urugaga rufite inshingano zikurikira:

- 1 ° gusuzuma no gushakira ibisubizo ibibazo byose bireba umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa;
- 2 ° gusuzuma no gushakira ibisubizo ibibazo byose birebana n'imyitwarire y'abakora umwuga w'igenagaciro;
- 3 ° guhana amakuru ku birebana n'umwuga w'abagenagaciro ku mutungo utimikanwa;
- 4 ° guteza imbere umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda;
- 5 ° gutegura amabwiriza n'ibigenderwaho mu mwuga w'igenagaciro ku mutungo

Article 5: Head office of the Institute

The head office of the Institute shall be located in Kigali, the Capital City of the Republic of Rwanda.

The head office may be relocated elsewhere on the Rwandan territory, where deemed necessary.

Article 6: Responsibilities of the Institute

The responsibilities of the Institute shall be:

- 1 ° to analyse and find solutions to all problems related to the real property valuation profession;
- 2 ° to analyse and find solutions to all problems related to the conduct of real property valuers;
- 3 ° to exchange information relating to the real property valuation profession;
- 4 ° to promote the real property valuation profession in Rwanda;
- 5 ° to prepare regulations and guidelines governing the real property valuation profession,

Article 5: Siège de l'Ordre

Le siège de l'Ordre est établi à Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré à tout autre endroit sur le territoire du Rwanda, en cas de besoin.

Article 6: Attributions de l'Ordre

L'Ordre a les attributions suivantes:

- 1 ° analyser et trouver des solutions à tous les problèmes liés à la profession d'évaluateurs immobiliers;
- 2 ° analyser et trouver les solutions à tous les problèmes relatifs au comportement des évaluateurs immobiliers ;
- 3 ° échanger les informations concernant la profession d'évaluateurs immobiliers;
- 4 ° promouvoir la profession d'évaluateurs immobiliers au Rwanda ;
- 5 ° préparer les règlements et les directives régissant la profession d'évaluateurs immobiliers ;

utimukanwa;
6° gutegura ubuziranenge
bw'igenagaciro ku mutungo
utimukanwa;

7° guhagararira inyungu no kuvugira
abakora umwuga w'igenagaciro ku
mutungo utimukanwa mu Rwanda no
mu mahanga.

6° to prepare real property valuation
standards;

7° to represent the interests of, and
advocate for real property valuers in
Rwanda and abroad.

6° élaborer les normes d'évaluation
immobilière;

7° représenter les intérêts et plaider la
cause des évaluateurs immobiliers au
Rwanda et à l'étranger.

Ingingo ya 7: Inzego z'Urugaga

Urugaga rw'abagenagaciro rugizwe n'inzego
zikurikira:

- 1° Inteko Rusange;
- 2° Inama y'Ubutegetsu;
- 3° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Ingingo ya 8: Inteko Rusange y'Urugaga

Inteko Rusange igizwe n'impuguke zose
zibumbiye mu Rugaga rw'abagenagaciro.
Inteko Rusange yitoramo abagize Inama
y'Ubutegetsu kandi igashyiraho
Ubunyamabanga Nshingwabikorwa
buyoborwa n'Inama y'Ubutegetsu.

Imitunganyirize n'imikorere y'inzego
z'Urugaga bigenwa n'amategeko
ngengamikorere yarwo.

Article 7: Organs of the Institute

The Institute of real property valuers shall
comprise the following organs:

- 1° the General Assembly;
- 2° the Board of Directors;
- 3° the Executive Secretariat.

**Article 8: General Assembly of the
Institute**

The General Assembly comprises experts in
real property valuation who are members of
the Institute. The General Assembly shall
elect from amongst itself members of the
Board of Directors and establish the
Executive Secretariat which reports to the
Board of Directors.

The organization and functioning of organs of
the Institute shall be determined by its internal
rules and regulations.

Article 7: Organes de l'Ordre

L'Ordre des évaluateurs immobiliers
comprend les organes suivants :

- 1° l'Assemblée Générale;
- 2° le Conseil d'Administration;
- 3° le Secrétariat Exécutif.

Article 8: Assemblée Générale de l'Ordre

L'Assemblée Générale comprend tous les
experts en évaluation immobilière membres
de l'Ordre. Elle élit en son sein les membres
du Conseil d'administration et met en place
le Secrétariat Exécutif qui travaille sous la
supervision du Conseil d'Administration.

L'organisation et le fonctionnement des
organes de l'Ordre sont déterminés par son
Règlement d'ordre intérieur.

UMUTWE WA III: URWEGO RUTUNGANYA IMIKORERE Y'URUGAGA

CHAPTER III: COUNCIL OF REGULATION

CHAPITRE III: CONSEIL DE REGULATION

Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'Urwego

Hashyizweho Urwego rutunganya imikorere y'abagenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda rwitwa "Urwego" muri iri tegeko

Urwego rutangira gukora mu minsi itarenze mironko cyenda (90) nyuma y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 10: Abagize Urwego

Urwego rugizwe n'abantu barindwi bakurikira:

- 1° uhagarariye Banki Nkuru y'U Rwanda;
- 2° uhagarariye Ishyirahamwe ry'amabanki mu Rwanda;
- 3° uhagarariye Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka;
- 4° uhagarariye Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano zayo;

Article 9: Establishment of the Council

A council of regulation of the real property valuation profession in Rwanda referred to as "the Council" in this Law is hereby established.

The Council shall commence its activities within ninety (90) days from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 10: Members of the Council

The Council shall be composed of seven (7) members as follows:

- 1° a representative of the National Bank of Rwanda;
- 2° a representative of the Bankers' Association of Rwanda;
- 3° a representative of the National Land Centre;
- 4° a representative of the Ministry in charge of Infrastructure;

Article 9: Création du Conseil

Il est créé un Conseil de régulation de la profession d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda ci-après dénommé le « Conseil » dans la présente loi.

Le Conseil commence ses activités dans un délai de quatre-vingt dix (90) jours à dater de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Article 10: Membres du Conseil

Le Conseil est composé de sept (7) membres suivants :

- 1° un représentant de la Banque Nationale du Rwanda ;
- 2° un représentant de l'Association des Banques au Rwanda;
- 3° un représentant du Centre National de Gestion Foncière ;
- 4° un représentant du Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions;

5° uhagarariye Urugaga rw'Abikorera;	<i>Official Gazette n° 20 of 17/05/2010</i> 5° a representative of the Private Sector Federation;	5° un représentant de la Fédération Rwandaise du Secteur Privé ;
6° Abantu babiri (2) bahagarariye Urugaga rw'Abagenagaciro ku mutungo utimukanwa batowe na bagenzi babo;	6° two (2) representatives of the Real Property Valuers' Institute elected by their colleagues.	6° deux (2) représentants de l'Ordre des Évaluateurs immobiliers élus par leurs collègues.
Abagize Urwego bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe, rigena Perezida na Visi Perezida barwo kandi umwe muri bo agomba kuba akora umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa.	Members of the Council shall be appointed by an Order of the Prime Minister which determines the Chairperson, the Deputy Chairperson of the Council and one of them shall be a real property valuer.	Les membres du conseil sont nommés par un arrêté du Premier Ministre qui détermine le Président et le Vice-Président du Conseil dont l'un doit être un évaluateur des biens immobiliers.
Abagize Urwego bagomba kuba bafite nibura ubumenyi mu bijyanye n'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa.	Members of the Council should be at least knowledgeable in real property valuation.	Les membres du Conseil doivent avoir au moins des connaissances en évaluation immobilière.

Ingingo ya 11: Inshingano z'Urwego

Urwego rufite inshingano zikurikira:

- 1° kwemeza amabwiriza n'ibikurikizwa mu igenagaciro ry'imitungo itimukanwa;
- 2° kwemeza ubuziranenge bw'igenagaciro ku mutungo utimukanwa;
- 3° kwandika no gusiba umugenagaciro mu gitabo cy'iyandikwa ry'abagenagaciro bemewe;

Article 11: Responsibilities of the Council

The Council shall have the following responsibilities:

- 1° to approve regulations and guidelines governing the real property valuation profession;
- 2° to approve standards for real property valuation;
- 3° to register and remove a real property valuer from the register of certified valuers;

Article 11: Attributions du Conseil

Le Conseil a les attributions suivantes:

- 1° approuver les règlements et directives régissant la profession d'évaluateurs des biens immobiliers;
- 2° approuver des normes d'évaluation immobilière ;
- 3° enregistrer et rayer du registre tout évaluateur immobilier agréé;

	<i>Official Gazette n° 20 of 17/05/2010</i>	
4° gusuzuma no gukurikirana imikorere n'imitwarire y'abagenagaciro;	4° to assess and monitor valuers' conduct and practicing;	4° évaluer et assurer le suivi de la conduite des évaluateurs immobiliers et de l'exercice de leur profession;
5° kugira inama Guverinoma ku mikorere y'Urugaga rw'abagenagaciro;	5° to advise Government on the functioning of the Institute;	5° conseiller le Gouvernement sur le fonctionnement de l'Ordre ;
6° gushyikiriza Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe.	6° to submit a quarterly activity report to the Minister in charge of lands.	6° présenter un rapport trimestriel d'activités au Ministre ayant les terres dans ses attributions.
Amabwiriza yose yashyizweho n'Urwego mu birebana n'umurimo w'igenagaciro aratangazwa.	All instructions issued by the Council shall be published.	Toutes les instructions émises par le Conseil sont publiées.
<u>Ingingo ya 12: Manda y'Abagize Urwego</u>	<u>Article 12: Term of office for members of the Council</u>	<u>Article 12: Mandat des membres du Conseil</u>
Abagize Urwego bafite manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe.	Members of the Council shall serve a five (5) year term of office, renewable only once.	Les membres du Conseil ont un mandat de cinq ans (5) renouvelable une seule fois.
Umurimo w'umwe mu bagize Urwego uhagarara iyo:	The term of a Council member shall come to an end if :	Le mandat d'un membre du Conseil prend fin si :
1° apfuye;	1° he/she dies;	1° il meurt ;
2° manda irangiye;	2° his/her term of office expires;	2° son mandat expire ;
3° yeguye akoresheje inyandiko;	3° he/she resigns in writing;	3° il démissionne par écrit ;
4° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bwemejwe na muganga wemewe;	4° he/she can not perform his/her duties due to disability approved by a recognized medical doctor;	4° il ne peut pas assurer ses responsabilités due à une incapacité certifiée par un médecin agréé;
5° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu(6) nta subikagihano;	5° he/she is sentenced to a term of imprisonment equal to or more than six (6) months without suspension;	5° il est condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis ;

<i>Official Gazette n° 20 of 17/05/2010</i>		
6° asibye mu nama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu;	6° he/she is absent from three (3) consecutive Council meetings without sound reasons;	6° il s'absente plus de trois (3) fois consécutives aux réunions sans justification;
7° agaragayeho imyitwarire mibi;	7° he/she misbehaves;	7° il manifeste un mauvais comportement ;
8° yireze akemera icyaha cya Jenocide;	8° he/she confesses and pleads guilty of the crime of genocide;	8° il avoue et plaide coupable du crime de génocide ;
9° abangamira inyungu z'Urwego;	9° he/she obstructs interests of the Council;	9° il fait obstacle aux intérêts du Conseil;
10° akuwe ku murimo n'Urwego rwamushyizeho.	10° he/she is removed from his/her duties by the appointing authority.	10° il est démis de ses fonctions par l'organe qui l'a nommé.
Uwifuzaga kwegura mu Rwego abikora mu nyandiko ageza kuri Perezida w'Urwego agatanga integuza y'iminsi mirongo itatu (30).	A member of the Council wishing to resign shall do so in writing to the Chairperson of the Council and give a thirty (30) day notice.	Un membre du Conseil qui veut démissionner en informe le Président du Conseil par écrit et donne un préavis de trente (30) jours.
Iyo umwe mu bagize Urwego avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda irangira, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye.	If a member of the Council leaves office before the end of his/her term, the competent authority shall appoint a substitute. The newly appointed member shall complete the term of office.	Si un membre du Conseil quitte ses fonctions avant la fin de son mandat, l'organe compétent nomme son remplaçant. Le nouveau membre termine le mandat de celui qu'il remplace.
<u>Ingingo ya 13:</u> Itumizwa ry'inama y'abagize Urwego	<u>Article 13:</u> Convening the meeting of members of the Council	<u>Article 13:</u> Invitation à une réunion des membres du Conseil
Abagize Urwego baterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa. Abagize Urwego baterana mu nama mu buryo bwemewe n'amategeko iyo yitabiriwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.	Members of the Council shall meet once a quarter and whenever necessary. The quorum required for members of the Council is two thirds (2/3) of all members.	Les membres du Conseil se réunissent une fois par trimestre et chaque fois que de besoin. Le quorum requis pour les réunions du Conseil est de deux tiers (2/3) de ses membres.

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama. Iyo butabaye, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi. Iyo habaye kunganya amajwi, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.

Abagize Urwego bashobora gutumira mu nama yabo umuntu wese babona ushobora kubunganira ku ngingo runaka iri ku murongo w'ibyigwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikira iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

Ingingo ya 14: Ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama z'Urwego

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'abagize Urwego ishyirwaho umukono n'abarugize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo Minisitiri arabivugaho imyanzuro y'Inama iba yemejwe burundu.

Inyandiko mvugo y'inama ishyirwaho umukono na Perezida w'Urwego n'Umwanditsi warwo, ikemuzwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandiko mvugo

Decisions are taken by consensus of the participants. If no consensus can be reached then majority vote will decide. In case of a tied vote, the chairperson shall have a casting vote.

Members of the Council can invite anyone with expertise to its meetings depending on the agenda. The invited person shall neither vote nor attend deliberations on other items on the agenda.

Article 14: Decisions and minutes of Council meetings

Resolutions of Council meetings shall be signed by all members in attendance at the end of each meeting, a copy of the resolutions shall be submitted to the Minister in charge of lands within five (5) working days for his/her comments which should be communicated to the Council within fifteen (15) days from the day he/she received it. If no comments from the Minister are given within that period, the resolutions shall be deemed approved.

Minutes of Council meetings shall be signed by the Chairperson together with the Rapporteur and adopted at the next meeting. A copy of the minutes shall be submitted to

Les décisions sont prises par consensus des participants. Si le consensus ne peut être atteint les décisions sont prises à la majorité absolue des voix. En cas d'égalité des voix, le président a une voix prépondérante.

Les membres du Conseil peuvent inviter toute personne qu'ils jugent compétent pour l'examen d'un point inscrit à l'ordre du jour. L'invité ne vote ni ne participe aux discussions sur les autres points à l'ordre du jour.

Article 14: Décisions et procès-verbaux des réunions du Conseil

Les résolutions des réunions du Conseil sont signées par tous les membres du Conseil présents, à la fin de chaque réunion. Une copie des résolutions est envoyée au Ministre ayant les terres dans ses attributions endéans cinq (5) jours ouvrables pour donner ses commentaires dans une période ne dépassant pas quinze (15) jours à partir de la réception de la copie. Passé ce délai sans réaction du Ministre, les résolutions de la réunion sont considérées adoptées.

Le procès verbal de la réunion du Conseil est signé par son Président et son Rapporteur et est adopté lors de la prochaine réunion. Une copie du procès-verbal est envoyée au

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

yohererezwa Ministiri ufite ubutaka mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera ku munsu yemerejweho.

the Minister in charge of lands within fifteen (15) working days from the day of its approval.

Ministre ayant les terres dans ses attributions endéans quinze (15) jours à partir du jour de son approbation.

Ibyemezo by'Urwego bimenyeshwa Urugaga rw'abagenagaciro.

The decisions of the Council shall be notified to the Institute of real property valuers.

Les décisions du Conseil sont notifiées à l'Ordre des évaluateurs immobiliers.

Ingingo ya 15: Ibigenerwa abagize Urwego bitabiriye inama

Article 15: Council members' sitting allowances

Article 15: Jetons de présence alloués aux membres du Conseil

Abagize urwego bitabiriye inama bahabwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

Members of the Council attending its meeting shall receive sitting allowances determined by a Presidential Order.

Les membres du Conseil bénéficient des jetons de présence déterminés par un arrêté présidentiel.

Ingingo ya 16: Igongana ry'inyungu

Article 16: Conflict of interests

Article 16: Conflit d'intérêts

Umwe mu bagize Urwego abujijwe kuba mu bafata ibyemezo iyo inama isuzuma ibibazo bimureba, bireba ababyeyi be, abo bafitanye isano kugeza ku rwego rwa kabiri cyangwa iyo bireba abo bafitanye isano ry'ubushyingirane kugeza ku rwego rwa kabiri cyangwa iyo isuzuma ibyo afitemo inyungu. Uwo bireba abimenyeshya mbere inama kandi akiheza igihe cyose hasuzumwa ingingo imureba.

A member of the Council is prohibited from being among the members who take decisions in case the meeting is examining issues concerning him/her, those concerning his/her parents, relatives up to the second degree or in-laws up to the second degree or any issue in which he/she has an interest. The concerned person shall inform the Council and shall disqualify him/herself at any time the issue is under examination.

Il est interdit à un membre du Conseil de prendre part à la prise de décision lorsque la réunion traite des affaires qui le concernent personnellement, qui concernent ses parents, les membres de sa famille jusqu'au second degré ou les parents alliés jusqu'au second degré ou lorsqu'elle traite des affaires touchant à ses intérêts. Il le notifie au préalable au Conseil et se retire de la réunion aussi longtemps que ce sujet est en cours d'examen.

Ingingo ya 17: Ububasha bw'Urwego ku byerekeye iyandikisha

Article 17: Powers of the Council with regard to registration

Article 17: Pouvoirs du Conseil en matière d'enregistrement

Urwego rufite ububasha bukurikira:

The Council shall have the following powers:

Le Conseil a les pouvoirs suivants:

- | | | |
|---|--|---|
| 1° gusuzuma no gufata icyemezo ku isabwa ry'iyandikisha ry'umugenagaciro ku mutungo utimukanwa; | 1° to examine and decide on an application for registration of a real property valuer; | 1° examiner et décider sur toute demande d'enregistrement d'un évaluateur des biens immobiliers ; |
| 2° kugena imiterere y'igitabo cy'urutonde n'icyemezo gihabwa abagenagaciro ku mutungo utimukanwa; | 2° to determine the format of the registry and certificates for real property valuers; | 2° déterminer le format du registre et du certificat d'enregistrement des évaluateurs immobiliers ; |
| 3° gutanga ibyemezo ku bagenagaciro bemewe; | 3° to issue certificates to certified real property valuers; | 3° délivrer les certificats aux évaluateurs immobiliers agréés ; |
| 4° kugena umubare w'amafaranga asabwa mu kwiandikisha no guhabwa icyemezo cy'umugenagaciro; | 4° to determine fees for registration and issuance of valuer's certificate; | 4° fixer les frais d'inscription et du certificat d'évaluateur; |
| 5° kugena umubare w'amafaranga yakwa n'abagenagaciro mu gihe bakora umwuga wabo; | 5° to determine real property valuation charges; | 5° fixer les frais liés au service d'évaluation des biens immobiliers; |
| 6° guhana abagenagaciro hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza agenga imyitwarire yabo. | 6° to punish valuers in accordance with their code of conduct. | 6° sanctionner les évaluateurs immobiliers suivant leur code de conduite. |

UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'UMWUGA W'IGENAGACIRO KU MUTUNGO UTIMUKANWA MU RWANDA

CHAPTER IV: ORGANISATION OF THE REAL PROPERTY VALUATION PROFESSION IN RWANDA

CHAPITRE IV: ORGANISATION DE LA PROFESSION D'EVALUATEURS DES BIENS IMMOBILIERS AU RWANDA

Icyiciro cya mbere: Ibikurikizwa mu kwiandikisha

Section One: Procedures for registration

Section première: Procédures d'enregistrement

Ingingo ya 18: Ibisabwa kugira wandikwe nk'umugenagaciro

Article 18: Conditions for registration as a valuer

Article 18: Conditions d'enregistrement d'un évaluateur

Kugira ngo Umunyarwanda yandikwe mu gitabo cy'iyandikira ry'abagenagaciro agomba

For a Rwandan citizen to be registered in the registry of property valuers, he/she shall meet

Un citoyen rwandais qui veut se faire enregistrer dans le registre des évaluateurs

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010
the following conditions:

kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° kuba afite impamyabumenyi nibura y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu birebana n'igenagaciro ry'imitungo itimukanwa, ubwubatsi, ubutaka cyangwa indi mpamyabushobozi igaragaza ubumenyi buhagije mu igenagaciro;
- 2° kuba atarakatiwe igifungo kirengeje amezi atandatu;
- 3° kuba atarigeze yirukanwa mu bakora umwuga w'igenagaciro haba mu Rwanda cyangwa mu Gihugu cy'amahanga;
- 4° kuba atari mu gihombo.

Ingingo ya 19: Iyandikwa ry'abanyamahanga

Umunyamahanga wifuza gukora umwuga w'igenagaciro mu Rwanda agomba kuba:

- 1° yujuje ibiteganijwe mu ngingo ya 18 y'iri tegeko;
- 2° afite icyemezo cy'uko yanditse ku rutonde rw'abagenagaciro b'imitungo itimukanwa rw'igihugu akomokamo cyangwa ikindi cyemezo bifite agaciro kamwe.

Article 19: Registration of foreigners

A foreigner who intends to practice real property valuation in Rwanda shall:

- 1° meet the conditions provided under Article 18 of this Law;
- 2° hold a certificate of real property valuer or its equivalent from his/her country.

doit remplir les conditions suivantes:

- 1° être détenteur au moins d'un diplôme de licence dans le domaine d'évaluation des biens immobiliers, de génie civile, de pédologie des terres ou de tout autre diplôme prouvant les qualifications suffisantes en matière d'évaluation immobilière ;
- 2° ne pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement supérieure à six(6) mois ;
- 3° n'avoir pas été exclus de l'association des évaluateurs tant au Rwanda qu'à l'étranger ;
- 4° ne pas être en faillite.

Article 19: Enregistrement des étrangers

Tout étranger qui désire exercer une profession d'évaluateur au Rwanda doit :

- 1° remplir les conditions prévues à l'article 18 de la présente loi ;
- 2° détenir un certificat d'évaluateur immobilier de son pays d'origine ou son équivalent.

<u>Ingingo ya 20:</u> Kwishyira hamwe no gukorana	<u>Article 20:</u> Association collaboration	and <u>Article 20:</u> Association et collaboration
Umugenagaciro wemewe ashobora gukora uwo mwuga wenyine cyangwa afatanyije n'abandi mu rwego rw'ishyirahamwe cyangwa sosiyete y'ubucuruzi cyangwa se agakorana n'undi mugenagaciro wemewe cyangwa ishyirahamwe ry'abagenagaciro bemewe.	A certified real property valuer may practice either individually, or as part of an association or company or in collaboration with another certified real property valuer or group of certified real property valuers.	L'évaluateur agréé peut exercer la profession soit à titre individuel, soit en groupe dans le cadre d'une association ou société commerciale, soit encore en qualité de collaborateur d'un autre évaluateur immobilier agréé ou groupe d'évaluateurs immobiliers agréés.
Amasezerano yo gukorana ni atuma umugenagaciro w'umutungo utimukanwa yiyemeza gukorera buri gihe cyangwa rimwe na rimwe mu biro by'undi mugenagaciro, akabihemberwa.	Collaboration shall be formed when a real property valuer commits him/herself to giving his/her services in another real property valuer's office either full time or part time for remuneration.	La collaboration est le contrat par lequel un évaluateur immobilier s'engage à travailler à temps plein ou partiel au sein du bureau et au service d'un autre évaluateur immobilier moyennant rémunération.
Amasezerano y'ishyirahamwe ry'abagenagaciro ni ahuza abagenagaciro babiri cyangwa barenga bakiyemeza gukorera hamwe uwo mwuga haba mu biro bimwe cyangwa se mu biro bitandukanye bakaniyemeza gushyira hamwe no kugabana inyungu n'igihombo.	An agreement of association of real property valuers is one by which two or more real property valuers decide to practice the profession together either in the same office or in different offices and commit themselves to share profits and losses.	La convention d'association d'évaluateurs immobiliers est le contrat par lequel deux ou plusieurs évaluateurs immobiliers décident d'exercer en commun la profession au sein d'un même bureau ou de différents bureaux et s'engagent à partager les bénéfices et les pertes.
<u>Icyiciro cya 2:</u> Igitabo cy'urutonde n'icyemezo cy'umugenagaciro	<u>Section 2:</u> Register and valuer's certificate	<u>Section 2:</u> Registre et certificat d'évaluateur
<u>Ingingo ya 21:</u> Igitabo cy'urutonde rw'abagenagaciro bemewe	<u>Article 21:</u> Register of certified valuers	<u>Article 21:</u> Registre des évaluateurs immobiliers agréés
Urwego rushyiraho kandi rukabika igitabo	The Council shall create and maintain a	Le Conseil crée et tient un registre

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

cy'urutonde rw'abagenagaciro bemewe register of certified valuers which shall d'évaluateurs immobiliers agréés comprenant kirimo nibura ibi bikurikira: include at least the following: au moins des mentions suivantes :

- | | | |
|--|---|--|
| 1° umwirondoro; | 1 ° identification of the valuer; | 1 ° l'identification de l'évaluateur ; |
| 2° itariki yandikiweho mu gitabo cy'urutonde rw'abagenagaciro; | 2 ° the date of entry into the register of valuers; | 2 ° la date d'entrée dans le registre d'évaluateurs; |
| 3° aho abarizwa; | 3 ° the address of the valuer ; | 3 ° l'adresse de l'évaluateur; |
| 4° impamyabushobozi; | 4 ° the valuer's degree; | 4 ° le diplôme de l'évaluateur; |
| 5° inomeru ihabwa usaba. | 5 ° the registration number of the valuer. | 5 ° le numéro d'enregistrement de l'évaluateur. |

Ingingo ya 22: icyemezo cy'umugenagaciro

Article 22: Valuer's certificate

Article 22: Certificat d'évaluateur

Iyo usaba amaze kwandikwa mu gitabo cy'urutonde rw'abagenagaciro, Urwego rumuha icyemezo cy'umugenagaciro wemewe.

When an applicant has been entered into the register of valuers, the Council shall issue to him/her a certificate of certified valuer.

Lorsque le requérant est inscrit au registre d'évaluateurs, le Conseil lui délivre un certificat d'évaluateur agréé.

Ingingo ya 23: Gutesha agaciro icyemezo cy'umugenagaciro

Article 23: Cancellation of valuer's certificate

Article 23: Annulation du certificat d'évaluateur

Urwego rushobora gutesha agaciro iyandikisha ry'umugenagaciro iyo:

The Council may cancel the registration of a valuer if :

Le Conseil peut annuler l'enregistrement d'un évaluateur:

- | | | |
|--|---|--|
| 1° yanditswe biturutse ku kwibeshya cyangwa akoresheje uburiganya; | 1 ° he/she has been erroneously or fraudulently registered; | 1 ° lorsque son enregistrement est entaché d'erreur ou de fraude ; |
| 2° agaragayeho imikorere n'imyitwarire mibi mu kazi ke, harimo cyane cyane ruswa no kutagira ibanga; | 2 ° he/she manifests poor professional conduct including bribery and breach of confidentiality; | 2 ° s'il est caractérisé par de mauvais comportements, notamment la corruption et l'indiscrétion ; |
| 3° hari indi mpamvu Urwego rusanze ari ngombwa. | 3 ° any other reason considered necessary by the Council. | 3 ° pour n'importe quelle autre raison jugée nécessaire par le Conseil. |

Ingingo ya 24: Uburyo bwo kujurira

Iyo uwasabye kwandikwa asanze Urwego rwaramurengeje rwanga kumuha icyemezo cyangwa se rwarakimwambuye, ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha iyo ubundi buryo bwose butashoboye kumukemurira ikibazo ku buryo bushimishije.

Ingingo ya 25: Gusaba gusubizwa ku rutonde rw'abagenagaciro

Umugenagaciro wakuwe ku rutonde rw'abagenagaciro ku buryo buteganijwe muri iri tegeko, ashobora gusaba gusubizwa ku rutonde igihe impamvu yatumye avanwa ku rutonde itakiriho hakurikijwe uburyo bushyirwaho n'Urwego.

Icyiciro cya 3: Uko guha agaciro umutungo utimukanwa bikorwa

Ingingo ya 26: Abemerewe gukora umwuga w'igenagaciro mu Rwanda

Abagenagaciro banditse kandi bari mu Rugaga nibo bonyine bafite uburenganzira bwo gukora umwuga w'igenagaciro k'umutungo utimukanwa. icyakora, abakozi ba Leta bujuje ibyangombwa bisabwa n'Urwego bemerewe gukora igenagaciro

Article 24: Procedures for appeal

If an applicant is of the opinion that the Council's refusal to issue him/her with a certificate or cancellation of his /her certificate is unfair, he/she may refer his/her case to the relevant court of justice if not satisfied after having exhausted all other means.

Article 25: Request for restoration to the valuers' register

A valuer who has been removed from the register by procedures provided in this Law may apply for restoration to the register according to the procedures set up by the Council if the reasons of his/her removal cease to exist.

Section 3: Real property valuation methods

Article 26: People authorized to conduct real property valuation in Rwanda

Only registered valuers members of the Institute shall be authorized to exercise the real property valuation profession in Rwanda. However, Government employees fulfilling requirements of the Council shall also be authorized to conduct valuation when

Article 24: Procédures d'appel

Si un requérant considère que le refus d'octroi du certificat d'évaluateur ou l'annulation de ce dernier par le Conseil n'est pas justifié, il peut porter son cas devant une juridiction compétente s'il n'a pas été satisfait après avoir épuisé toutes les voies de recours.

Article 25: Demande de réinscription au registre d'évaluateurs

Un évaluateur qui a été rayé du registre en vertu des dispositions de la présente loi peut en demander la réinscription suivant la procédure mise en place par le Conseil, si les raisons de sa radiation n'existent plus.

Section 3: Méthodes d'évaluation immobilière

Article 26: Personnes autorisées à faire l'évaluation immobilière au Rwanda

Seuls les évaluateurs enregistrés et membres de l'Ordre sont autorisés à exercer la profession d'évaluateurs immobiliers. Toutefois, les agents de l'Etat remplissant les conditions exigées par le Conseil sont également autorisés à réaliser l'évaluation

batumwe n'inzego za Leta bakorera.

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010
mandated by their government institutions.

lorsqu'ils sont mandatés par les institutions dont ils sont issus.

Ingingo ya 27: Uburyo bwo kugena agaciro

Kuri buri bwoko bw'igenagaciro, umugenagaciro akoresha uburyo bumwe cyangwa bwinshi buteganywa n'iri tegeko cyangwa ubundi buryo bwemejwe n'Urwego. Umugenagaciro ahitamo uburyo bwiza kugira ngo hagenwe agaciro gakwiye kari ku isoko ku mutungo utimukanwa.

Article 27: Valuation methods

Valuation of any type requires that the valuer apply one or more valuation methods provided by this Law or any other method accepted by the Council. The valuer shall select the best valuation method that can be used to determine the fair market value of the real property.

Article 27: Méthodes d'évaluation

Toute évaluation immobilière exige que l'évaluateur applique une ou plusieurs méthodes d'estimation prévues par la présente loi ou toute autre méthode admise par le Conseil et qu'il choisisse la meilleure méthode permettant de déterminer la juste valeur du marché du bien immobilier.

Ingingo ya 28: Uburyo bwo kugereranya ibiciro

Igiciro gitangwa ku mutungo utimukanwa kigomba kuba cyegera cyangwa kingana n'ikiri ku isoko. Umugenagaciro akora igereranya ry'ibiciro ashingiye ku gaciro katanzwe mu gihe cya vuba ku mutungo usa cyangwa se ushobora kugereranywa n'ukorerwa igenagaciro.

Article 28: Comparable prices methods

The proposed price for the real property shall be close or equal to the market value. The valuer shall compare prices by referring to the prices recently assigned to a real property that is similar or comparable to the real property subject to valuation.

Article 28: Méthode d'estimation par comparaison des prix

Le prix proposé pour le bien immobilier doit être proche ou égal au prix du marché. L'évaluateur procède à la comparaison des prix en se référant aux prix récemment appliqués au bien immobilier similaire ou potentiellement comparable au bien soumis à l'évaluation.

Ingingo ya 29: Kugereranya agaciro k'ubutaka hose mu gihugu nk'ubundi buryo bwo kugena agaciro k'ubutaka

Iyo hadashobora kuboneka ibiciro bishobora kugereranywa mu karere, umugenagaciro ashobora kwifashisha ibiciro by'ubutaka bufite imiterere imwe buri mu bindi bice

Article 29: Comparison of land values countrywide as an alternative land valuation method

Where comparable prices are not available for land in a particular area, the valuer may use comparable prices of similarly classified land from other areas of the country. Prices shall

Article 29: Comparaison de la valeur des terres à l'échelle nationale, comme une autre méthode alternative d'évaluation des terres

En cas d'absence de prix comparables à l'échelle régionale, l'évaluateur peut se référer aux prix comparables des terres ayant les propriétés similaires dans d'autres régions

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

by'igihugu. Imihindukire y'ibiciro iterwa n'imiterere y'ubutaka n'aho buherereye. Mu mirimo ye, umugenagaciro akurikiza amahame kandi akubahiriza amabwiriza agenga umwuga w'umugenagaciro n'Urwego.

vary depending on the quality and location of the land. The valuer shall fulfill his/her valuation duties in compliance with principles and regulations governing the valuation profession and the Council.

du pays. La variation des prix dépend de la qualité des terres et de leur localisation. Dans l'exercice de ses fonctions, l'évaluateur se conforme aux principes et à la réglementation régissant la profession d'évaluateur et le Conseil.

Ingingo ya 30: Uburyo bwo gusimbuza ibiciro ibindi hashingiwe ku iyongeragaciro ryakozwe

Iyo hatari ibiciro bihagije byakoreshwa mu kugereranya agaciro k'ubutaka bwatejwe imbere, hakoreshwa uburyo bwo gusimbuza ibiciro ibindi kugirango hagenwe agaciro n'imirimu yabukozweho hakurikijwe imitungo itimukanwa.

Article 30: Replacement cost approach as an alternative valuation method for improvements

Where sufficient comparable prices are not available to determine the value of improved land, the replacement cost approach shall be used to determine the value of improvements to land by taking real property as a reference.

Article 30: Evaluation par le coût de remplacement comme méthode alternative pour estimer les améliorations

En cas d'insuffisance de prix pouvant servir de référence pour déterminer la valeur des terres avec améliorations, il est fait recours à la méthode d'évaluation par le coût de remplacement pour déterminer la valeur des améliorations y apportées, référence étant faite aux immobiliers.

Ingingo ya 31: Gukoresha uburyo butandukanye bw'igenagaciro

Mu gihe igenagaciro ku mutungo utimukanwa risaba ubumenyi bwihariye, umugenagaciro akoresha uburyo bukomatanije abona bukwiriye bugaragaza agaciro kari ku isoko muri icyo gihe. Uburyo bwakoreshejwe mu kugena agaciro k'umutungo utimukanwa bugomba gusobanurwa binononsoye muri raporo y'umugenagaciro.

Article 31: Use of multiple valuation methods

Where real property valuation requires special skills, the valuer shall use whatever combination of the methods he/she considers best suited to determine the current market value. The methods used shall be clearly explained in the valuation report.

Article 31: Utilisation de plusieurs méthodes d'évaluation

Lorsque l'évaluation immobilière requiert une expertise particulière, l'évaluateur fait recours à la combinaison des méthodes qu'il estime appropriées pour la détermination de la valeur actuelle du marché. Les méthodes employées doivent être clairement explicitées dans le rapport d'évaluation.

Abyemerewe kandi n'Urwego, umugenagaciro ashobora gukoresha ubundi

Upon approval by the Council, a valuer may use any other relevant worldwide methods not

Avec l'accord du Conseil, l'évaluateur peut utiliser toutes autres méthodes reconnues au

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

buryo bwemewe bukoreshwa ku isi, butavuzwe muri iri tegeko, bwamufasha kurangiza umurimo yahawe.

provided in this Law in order to carry out the assigned work.

niveau mondial, non prévues par la présente loi susceptible de l'aider à accomplir la mission lui confiée.

Ingingo ya 32: Raporo y'igenagaciro

Raporo y'igenagaciro ry'umutungo utimukanwa ikorwa mu buryo bwemejwe n'Urwego.

Article 32: Valuation report

The real property valuation report shall be written in a format set by the Council.

Article 32: Rapport d'évaluation

Le rapport d'évaluation immobilière est fait dans la forme prescrite par le Conseil.

Ingingo ya 33: Ibanga mu kazi

Umugenagaciro agomba kugira ibanga mu mikoranire ye n'abamugana. icyakora, ashobora kugira ibyo atangaza abisabwe n'Urwego cyangwa amategeko.

Article 33: Confidentiality

A valuer shall observe the requirements of confidentiality in collaboration with clients. However, he/she may disclose any information if required by the Council or the Law.

Article 33: Confidentialité

L'évaluateur immobilier est tenu à la confidentialité, sauf dans les cas prévus par Conseil ou par la loi.

Ingingo ya 34: Kugongana kw'inyungu mu kazi

Umugenagaciro agomba kureba kandi agasuzuma ko hatari ukugongana kw'inyungu mu kazi ke ubu cyangwa mu gihe kizaza. Iyo zihari asaba kwifata, keretse iyo byagaragarijwe ababifitemo inyungu bose bakemera ko umugenagaciro akomeza akazi ke.

Article 34: Conflict of interests

A valuer shall consider and examine whether there is any present or future conflict of interests when carrying out his/her professional duties. If there is any, he /she refrain from doing so, unless all parties are informed of the situation and consent to the real property valuer to continue the task.

Article 34: Conflits d'intérêts

L'évaluateur immobilier identifiera et examinera tout conflit d'intérêts réel ou potentiel qui pourrait survenir dans l'exercice de sa profession. En cas d'existence de tels conflits d'intérêts, il s'abstient de procéder à l'évaluation, à moins que toutes les parties concernées n'aient été mises au courant de la situation et n'aient consenti à ce que l'évaluateur continue son travail.

Ingingo ya 35: Gukora umwuga w'ubugenagaciro utabyemerewe

Gukora umurimo w'igenagaciro utabifitiye icyemezo bihanwa n'amategeko.

Ingingo ya 36: Impaka zirebana n'igenagaciro ry'umutungo utimukanwa

Mu gihe habaye kutemeranya ku igenagaciro ry'umutungo utimukanwa, ukeka ko yarenganye ashyikiriza ikirego cye Urwego.

Icyo gihe Urwego rushyiraho abandi bagenagaciro bemewe bagakoresha uburyo bushya bw'igenagaciro. Iyo impaka zidakemutse, ikirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.

UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Icyiciro cya mbere: Ibiteganyijwe mu nzibacyuho

Ingingo ya 37: Ibikorwa by'igenagaciro mbere y'itanganzwa ry'iri tegeko

Kugeza igihe Urwego rutunganya imikorere y'abagenagaciro ruzagiraho, umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa n'ibikorwa by'iki gihe birakomeza uko bisanzwe.

Article 35: Valuation without Certificate

Practicing real property valuation without certificate shall be punished by the Law.

Article 36: Disputes related to real property valuation

Where a party does not agree with a real property valuation, he/she shall refer the matter to the Council.

In such case, the Council shall select other certified valuers who shall decide other valuation methods to be used. In case the dispute is not settled, it shall be submitted to competent court of Law.

CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Section One: Transitional provisions

Article 37: Valuation activities prior to the publication of this Law

Until the Council regulating the profession of real property valuation is in place, the profession of real property valuers and current activities shall continue to be carried out as usual.

Article 35: Evaluation immobilière sans certificat

L'exercice de la profession d'évaluateur immobilier sans certificat est puni par la loi.

Article 36: Contentieux en rapport avec l'évaluation immobilière

En cas de désaccord sur une évaluation immobilière, la partie qui se sent lésée fait recours au Conseil.

Dans ce cas, le Conseil nomme d'autres experts agréés qui choisissent de nouvelles méthodes d'évaluation à utiliser. Si le conflit n'est pas réglé, il est soumis à la juridiction compétente.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Section première: Dispositions transitoires

Article 37: Activités d'évaluation d'avant la publication de la présente loi

En attendant que le Conseil de régulation de la profession d'évaluateurs immobiliers soit mis en place, les évaluateurs existants ainsi que les activités actuelles continuent leur cours normal.

Ingingo ya 38: Kwiyandikisha ku basanzwe bakora umwuga w'igenagaciro

Umuntu wakoraga umwuga w'igenagaciro, asabwe kwiyandikisha kugira ngo yemererwe mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uherye ku muni iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Icyiciro cya 2: Ingingo zisoza

Ingingo ya 39: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 41: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 12/05/2010

Article 38: Registration of existing valuers

Any person who has been practicing in an official capacity as a valuer shall register for certification within six (6) months from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Section 2: Final provisions

Article 39: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 40: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 41: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 12/05/2010

Article 38: Enregistrement des évaluateurs en activité

Toute personne exerçant officiellement la fonction d'évaluateur immobilier doit se faire enregistrer dans les six (6) mois à dater de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Section 2: Dispositions finales

Article 39: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 40: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 41: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 12/05/2010

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 18/2010 RYO KUWA LAW N° 18/2010 OF 12/05/2010 LOI N° 18/2010 DU 12/05/2010
12/05/2010 RYEREKEYE UBUTUMWA RELATING TO ELECTRONIC RELATIVE AUX MESSAGES
KORANABUHANGA, UMUKONO MESSAGES, TO ELECTRONIC RELATIVE AUX MESSAGES
KORANABUHANGA SIGNATURES AND ELECTRONIC ELECTRONIQUES, SIGNATURES
N'HEREREKANYA TRANSACTIONS AND ELECTRONIC ELECTRONIQUES ET TRANSACTIONS
KORANABUHANGA TRANSACTIONS ELECTRONIQUES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENT

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko

Article premier: Scope of this Law

**Article premier: Champ d'application de la
présente loi**

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

**UMUTWE WA II : IBISABWA
N'AMATEGEKO KUGIRA NGO
UBUTUMWA KORANABUHANGA
BWEMERWE.**

**CHAPTER 2: LEGAL REQUIREMENTS
AND RECOGNITION FOR
ELECTRONIC MESSAGES**

**CHAPITRE 2: VALEUR JURIDIQUE
DES MESSAGES ELECTRONIQUES**

**Ingingo ya 3: Iyemerwa ry'ubutumwa
koranabuhanga**

**Article 3: Legal Recognition of Electronic
Messages**

**Article 3 : Reconnaissance juridique des
messages électroniques**

Ingingo ya 4: Inyandiko

Article 4: Writing

Article 4 : Ecrit

Ingingo ya 5: Inyandiko y'umwimerere

Article 5: Original document

Article 5 : Original

Ingingo ya 6: Iyemerwa ry'inyandiko

Article 6: Admissibility and evidential

Article 6 : Force probante d'un message

koranabuhanga no kuba yatangwa nk'ikimenyetso.	weight of electronic messages.	électronique
<u>Ingingo ya 7:</u> Kubika inyandiko koranabuhanga	<u>Article 7:</u> Retention of electronic messages	<u>Article 7:</u> Conservation des messages électronique
UMUTWE WA III: UBURYOZWE BW'ABATANGA Z'IMIYOBORO Y'IKORANABUHANGA, ABATANGA IBYEMEZO, N'ABAHUZA	CHAPTER III: LIABILITY OF COMMUNICATION NETWORK SERVICE PROVIDERS, LICENSED CERTIFICATION AUTHORITY AND INTERMEDIARIES	CHAPITRE III: RESPONSABILITE DES FOURNISSEURS DE SERVICES RESEAU, PRESTATAIRES DE SERVICE DE CERTIFICATION, INTERMEDIAIRES
<u>Ingingo ya 8:</u> Uburyozwe bw'abatanga serivisi z'imiyoboro y'ikoranabuhanga.	<u>Article 8:</u> Liability of network service providers	<u>Article 8:</u> Responsabilité des fournisseurs de services réseau
<u>Ingingo ya 9:</u> Aho uburyozwe bw'abatanga ibyemezo bugarukira.	<u>Article 9:</u> Liability Limits for Licensed Certification Authorities	<u>Article 9:</u> Limites de responsabilité d'un prestataire de services de certification
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibindi bitaryozwa	<u>Article 10:</u> Other Exceptions	<u>Article 10:</u> Autres exceptions
<u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo bwo kubika amakuru bufasha kuyabona vuba	<u>Article 11:</u> Caching	<u>Article 11:</u> Cachage
<u>Ingingo ya 12:</u> Gucumbikira	<u>Article 12:</u> Hosting	<u>Article 12:</u> Hébergement
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibikoresho by'aho amakuru ari	<u>Article 13:</u> Information Location Tools	<u>Article 13:</u> Outils du lieu d'information
<u>Ingingo ya 14:</u> Gusaba kivanaho	<u>Article 14:</u> Take-down Notification	<u>Article 14:</u> Notification de retrait
UMUTWE WA IV: GUHEREREKANYA INYANDIKO KORANABUHANGA	CHAPTER IV: COMMUNICATION OF ELECTRONIC MESSAGES	CHAPITRE IV: COMMUNICATION DE MESSAGES ELECTRONIQUES

ZIBITSWE

<u>Ingingo ya 15:</u> Agaciro k'ubutumwa koranabuhanga hagati y'abandikiranye	<u>Article 15:</u> Value of electronic messages among parties	<u>Article 15 :</u> Reconnaissance par les parties des messages électroniques
<u>Ingingo ya 16:</u> Inkomoko y'inyardiko koranabuhanga	<u>Article 16:</u> Origin of of an electronic message	<u>Article 16:</u> Auteur du message électronique
<u>Ingingo ya 17:</u> Kwemeza ko inyardiko yakiriwe.	<u>Article 17:</u> Acknowledgement of receipt	<u>Article 17 :</u> Accusé de réception
<u>Ingingo ya 18:</u> Igihe n'ahantu ubutumwa koranabuhanga bwoherejwe cyangwa bwakiriwe	<u>Article 18:</u> Time and place of dispatch and receipt of electronic message	<u>Article 18 :</u> Moment et lieu de l'expédition et de la réception d'un message électronique
<u>Ingingo ya 19:</u> Ingaruka zo guhindura cyangwa ikosa	<u>Article 19:</u> Effect of Change or Error	<u>Article 19:</u> Effet d'un changement ou erreur
<u>UMUTWE WA V: UMUKONO KORANABUHANGA</u>	<u>CHAPTER 5: ELECTRONIC SIGNATURE</u>	<u>CHAPITRE 5: SIGNATURE ELECTRONIQUE</u>
<u>Ingingo ya 20 :</u> Umukono	<u>Article 20:</u> Signature	<u>Article 20:</u> Signature
<u>Ingingo ya 21:</u> Iyemerwa ry'uburemere bumwe mu mikono ikoreshejwe mu buryo koranabuhanga.	<u>Article 21:</u> Equal treatment of signature technologies	<u>Article 21:</u> Egalité de traitement des techniques de signature
<u>Ingingo ya 22:</u> Imyifatire ya nyir'umukono	<u>Article 22:</u> Conduct of the signatory	<u>Article 22:</u> Normes de conduite du signataire
<u>Ingingo ya 23:</u> Imyifatire y'ubuyobozi butanga icyemezo	<u>Article 23:</u> Conduct of the certification authority	<u>Article 23:</u> Normes de conduite du prestataire de services de certification

<u>Ingingo ya 24:</u> Gutanga icyizere	<u>Article 24:</u> Trustworthiness	<u>Article 24 :</u> Fiabilité
<u>Ingingo ya 25:</u> Imyifatire y'uruhande rwizera	<u>Article 25:</u> Conduct of the relying party	<u>Article 25:</u> Normes de conduite de la partie se fiant à la signature ou au certificat
<u>Ingingo ya 26:</u> Iyemera ry'icyemezo n'imikono koranabuhanga mvamahanga.	<u>Article 26:</u> Recognition of foreign certificates and electronic signatures	<u>Article 26:</u> Reconnaissance des certificats et signatures électroniques étrangers
<u>Ingingo ya 27:</u> Iyemeza n'iyakirwa by'umukono koranabuhanga.	<u>Article 27:</u> Notarization and acknowledgment	<u>Article 27:</u> Notarisation et reconnaissance juridique
<u>UMUTWE WA VI :</u> KURINDA UBUSUGIRE BW' UBUTUMWA N'UMUKONO KORANABUHANGA	<u>CHAPTER 6:</u> SECURE ELECTRONIC MESSAGES AND SECURE ELECTRONIC SIGNATURES	<u>CHAPITRE 6 :</u> MESSAGES ELECTRONIQUES SECURISES ET SIGNATURES ELECTRONIQUES SECURISEES
<u>Ingingo ya 28:</u> Kurinda ubusugire bw'ubutumwa koranabuhanga	<u>Article 28:</u> Secure electronic message	<u>Article 28 :</u> Message électronique sécurisé
<u>Ingingo ya 29:</u> Umukono koranabuhanga urinda umwimerere w'inyandiko ibitswe	<u>Article 29:</u> Secure electronic signature	<u>Article 29:</u> Signature électronique sécurisée
<u>Ingingo ya 30:</u> Icyemezo kitagira amakemwa	<u>Article 30:</u> Qualified certificate	<u>Article 30:</u> Certificats qualifié
<u>UMUTWE WA VII :</u> INGARUKA Y'UMUKONO KORANABUHANGA USEMUYE MU MIBARE	<u>CHAPTER VII:</u> EFFECT OF DIGITAL SIGNATURES	<u>CHAPITRE VII:</u> EFFET JURIDIQUE DES SIGNATURES NUMERIQUES
<u>Icyiciro cya mbere :</u> Ingingo rusange	<u>Section One:</u> General provisions	<u>Section première :</u> Dispositions Générales

<u>Ingingo ya 31:</u> Inyandiko koranabuhanga n'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare birinda umwimerere w'inyandiko ibitswe	<u>Article 31:</u> Secure electronic message with digital signature	<u>Article 31:</u> Message électronique sécurisé au moyen d'une signature numérique
<u>Ingingo ya 32:</u> Umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare	<u>Article 32:</u> Digital signature	<u>Article 32:</u> Signature numérique
<u>Ingingo ya 33:</u> Ikimenyetso kigaragaza icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare	<u>Article 33:</u> Presumptions regarding digital signature certificates	<u>Article 33:</u> Présomptions relatives aux certificats de signature numérique
<u>Ingingo ya 34:</u> Umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare utizewe	<u>Article 34:</u> Unreliable digital signatures	<u>Article 34:</u> Signature numérique non fiable
<u>Icyiciro cya 2 :</u> Ibisabwa muri rusange bijyanye n'umukono ukozwe mu mibare	<u>Section 2:</u> General Duties Relating To Digital Signatures	<u>Section 2:</u> Obligations relatives aux signatures numériques
<u>Ingingo ya 35:</u> Igituma icyemezo cyizerwa ku buryo bwumvikana	<u>Article 35:</u> Reliance on certificates foreseeable	<u>Article 35:</u> Fiabilité prévisible des certificats
<u>Ingingo ya 36:</u> Ibisabwa kugirango icyemezo gikozwe mu mibare kimenyekanishwe	<u>Article 36:</u> Pre-requisites to publication of digital signature certificate	<u>Article 36:</u> Pré-requis pour la publication d'un certificat de signature numérique
<u>Icyiciro cya 3:</u> Imirimo y'ubuyobozi butanga icyemezo	<u>Section 3:</u> Duties of Certification Authorities	<u>Section 3:</u> Obligations des prestataires de services de certification
<u>Ingingo ya 37:</u> Uburyo butanga icyizere	<u>Article 37:</u> Trustworthy system	<u>Article 37:</u> Fiabilité du système
<u>Ingingo ya 38:</u> Ishyirwa ahagaragara	<u>Article 38:</u> Disclosure	<u>Article 38:</u> Divulgestion
<u>Ingingo ya 39:</u> Itangwa ry'icyemezo	<u>Article 39:</u> Issuing of digital signature	<u>Article 39:</u> Emission de certificat de

cy`umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare	certificate	signature digitale
<u>Ingingo ya 40:</u> Ubushobozi bwo guhagararira nyuma y'itangwa ry'icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare	<u>Article 40:</u> Representations upon issuance of digital signature certificate	<u>Article 40:</u> Représentations par l'émission de certificat de signature numérique
<u>Ingingo ya 41:</u> Ihagarikwa ry'umukono ukozwe mu mibare	<u>Article 41:</u> Suspension of digital signature certificate	<u>Article 41:</u> Suspension de certificat de signature numérique
<u>Ingingo ya 42:</u> Ivanwaho ry'umukono ukozwe mu mibare	<u>Article 42:</u> Revocation of digital signature certificate	<u>Article 42:</u> Révocation d'un certificat de signature numérique
<u>Ingingo ya 43:</u> Ivanwaho ry'umukono ukozwe mu mibare umufatabuguzi atabyemera	<u>Article 43:</u> Revocation without subscriber's consent	<u>Article 43:</u> Révocation sans le consentement de l'utilisateur
<u>Ingingo ya 44:</u> Itangazo ry'ihagarikwa	<u>Article 44:</u> Notice of suspension	<u>Article 44 :</u> Notification de suspension
<u>Ingingo ya 45:</u> Itangazo ry'ivanwaho	<u>Article 45:</u> Notice of revocation	<u>Article 45:</u> Notification de révocation
<u>Iciviro cya 3:</u> Imirimo y'umufatabuguzi	<u>Section 3:</u> Duties of subscriber	<u>Section 3 :</u> Devoirs de l'utilisateur
<u>Ingingo ya 46:</u> Gukora infunguzo z'inyabubiri	<u>Article 46:</u> Generating key pair	<u>Article 46:</u> Génération d'une paire de clés
<u>Ingingo ya 47:</u> Kubona icyemezo cy'umukono ukozwe mu mibare	<u>Article 47:</u> Obtaining digital signature certificate	<u>Article 47:</u> Obtention d'un certificat de signature numérique
<u>Ingingo ya 48:</u> Ukwemerwa kw'icyemezo cy'umukono ukozwe mu mibare	<u>Article 48:</u> Acceptance of digital signature certificate	<u>Article 48:</u> Acceptation d'un certificat de signature numérique

<u>Ingingo ya 49</u> : Ibungabunga n'irindwa ry'urufunguzo rwihariye	<u>Article 49</u> : Control of private key	<u>Article 49</u> : Contrôle de la clé privée
<u>Ingingo ya 50</u> : Gutangiza ihagarikwa cyangwa ivanwaho	<u>Article 50</u> : Initiating suspension or revocation	<u>Article 50</u> : Initiation de la suspension ou de la révocation
<u>UMUTWE WA VIII</u> : KURENGERA UMUGUZI	<u>CHAPTER 8</u> : CONSUMER PROTECTION	<u>CHAPTER 8</u> : PROTECTION DU CONSOMMATEUR
<u>Ingingo ya 51</u> : Amakuru agomba gutangwa	<u>Article 51</u> : Information to be provided	<u>Article 51</u> : Information à fournir
<u>Ingingo ya 52</u> : Igihe cyo gutekereza ku iseswa ry'amasezerano	<u>Article 52</u> : Cooling-off period before cancellation of an agreement	<u>Article 52</u> : Délai de réflexion
<u>Ingingo ya 53</u> : Ibicuruzwa, serivisi cyangwa itumanaho ritasabwe	<u>Article 53</u> : Unsolicited Goods, Services or Communications	<u>Article 53</u> : Marchandises, services et communications non sollicitées
<u>Ingingo ya 54</u> : Iyubahirizwa ry'imikorere	<u>Article 54</u> : Performance	<u>Article 54</u> : Performance
<u>Ingingo ya 55</u> : Iyubahirizwa ry'amategeko mpuzamahanga	<u>Article 55</u> : Applicability of Foreign Law	<u>Article 55</u> : Applicabilité de la loi étrangère
<u>Ingingo ya 56</u> : Kudaheza	<u>Article 56</u> : Non-exclusion	<u>L'article 56</u> : Non-exclusion
<u>Ingingo ya 57</u> : Ibirego ku kanama gashinzwe ibibazo by'umuguzi	<u>Article 57</u> : Complaints to Consumer Affairs Committee	<u>Article 57</u> : Plaintes au comité de consommateur
<u>UMUTWE WA IX</u> : IKORESHWA NABIRYA MUDASOBWA	<u>CHAPTER 9</u> : COMPUTER MISUSE AND CYBER CRIME	<u>CHAPITRE 9</u> : USAGE ABUSIF DE L'INFORMATIQUE ET LA CYBERCRIMINALITE

Ingingo ya 58: Kugera ku nkuru ibitswe mu buryo bw'ikorana buhanga bitemewe

Article 58: Unauthorised Access to Computer Data

Article 58: Accès non autorisé à des données informatiques

Ingingo ya 59: Kugera ku ihuriro hagamijwe gukora icyaha

Article 59: Access with Intent to Commit Offences

Article 59: Accès avec intention de commettre des infractions

Ingingo ya 60: Kubuzwa kugera no kutemererwa gukoresha servisi za mudasobwa

Article 60: Unauthorised Access to and Interception of Computer Service

Article 60: Accès non autorisé et l'interception de Service Informatique

Ingingo ya 61: Ihindurwa iry'inkuru iri muri mudasobwa mu buryo butemewe

Article 61: Unauthorised modification of Computer data

Article 61: Modification non autorisée de données informatiques

Ingingo ya 62: Kwangiza cyangwa kubangamira kugera ku ihuriro koranabuhanga

Article 62: Damaging or Denying Access to Computer System

Article 62: Endommagement ou déni d'accès au système informatique

Ingingo ya 63: Gutunga ihuriro koranabuhanga, ibinyabugingo koranabuhanga n'inkuru mu buryo butemewe n'amategeko

Article 63: Unlawful Possession of Computer System, Devices and Data

Article 63: Possession illégale de systèmes informatiques, appareils et données

Ingingo ya 64: Kutemererwa kuvuga ijamba rifungura

Article 64: Unauthorised Disclosure of Password

Article 64 : Divulgateion non autorisée du mot de passe

Ingingo ya 65: Ibihano

Article 65: Penalties

Article 65 : Sanctions

UMUTWE WA X: AMABWIRIZA AGENGA UBUYOBOZI BUTANGA ICYEMEZOMPAMO.

CHAPTER X: REGULATION OF CERTIFICATION AUTHORITIES

CHAPITRE 10: REGLEMENTATION RELATIVE AUX PRESTATAIRES DE SERVICE DE CERTIFICATION

<u>Ingingo ya 66:</u> Urwego ngenzuramikorere	<u>Article 66:</u> Controller of Certification Authorities	<u>Article 66:</u> Désignation d'un contrôleur et autres employés
<u>Ingingo ya 67:</u> Amabwiriza agenga ubuyobozi ngenzuramikorere butanga icyemezo	<u>Article 67:</u> Regulation of certification authorities	<u>Article 67:</u> Réglementation des prestataires de service de certification
<u>Ingingo ya 68:</u> Ukwemerwa k'ubuyobozi butanga icyemezo mvamahanga	<u>Article 68:</u> Recognition of foreign certification authorities	<u>Article 68:</u> Reconnaissance des prestataires de service de certification étrangers
<u>Ingingo ya 69:</u> Igihe n'uburyo icyemezo kigomba gukoreshwamo kugira ngo kigumane icyizere cyacyo	<u>Article 69:</u> Period of validity of certification and modalities of its use	<u>Article 69:</u> Durée de validité et modalités d'utilisation du certificat
<u>Ingingo ya 70:</u> Inshingano z'ubuyobozi butanga icyemezo ku cyemezo cyujuje ibya ngombwa	<u>Article 70:</u> Liability of certification authorities for qualified certificates	<u>Article 70:</u> Responsabilité des prestataires de service de certification pour les certificats qualifiés
<u>Ingingo ya 71:</u> Amabwiriza agenga ububiko	<u>Article 71:</u> Regulation of repositories	<u>Article 71:</u> Réglementation des répertoires
<u>UMUTWE WA XI: IHEREREREKANYA KORANABUHANGA</u>	CHAPTER XI ELECTRONIC TRANSACTIONS	<u>CHAPITRE XI: TRANSACTIONS ELECTRONIQUES</u>
<u>Ingingo ya 72:</u> Gukora amasezerano yemewe	<u>Article 72:</u> Formation and validity of contracts	<u>Article 72:</u> Formation et validité des contrats
<u>Ingingo ya 73:</u> Ihererekanya ry'amakuru mu buryo bw'ikoranabuhanga	<u>Article 73:</u> Electronic Data Interchange Transactions	<u>Articles 73:</u> Echange des données informatisées
<u>Ingingo ya 74:</u> Izindi ngingo z'amasezerano	<u>Article 74:</u> Other provisions of the agreement	<u>Article 74:</u> Autres clauses du contrat
<u>Ingingo ya 75:</u> Kwishyurana mu buryo bw'ikoranabuhanga	<u>Article 75:</u> Electronic payments	<u>Article 75:</u> Paiements électroniques

UMUTWE WA XII: UKO GUGERINOMA IKORESHA UBUTUMWA N'IMIKONO KORANABUHANGA

Ingingo ya 76: Kwemera inyandiko zibitswe mu buryo koranabuhanga n'uko zitangwa

Ingingo ya 77: Amabwiriza yerekeye ubutumwa n'imikono koranabuhanga mu nzego za Leta

UMUTWE WA XIII: INGINGO ZINYURANYE

Ingingo ya 78: Inshingano yo kubika ibanga

UMUTWE WA XIV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 79: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Ingingo ya 80: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 81: Ishyirwa mu bikorwa

CHAPTER XII: GOVERNMENT USE OF ELECTRONIC MESSAGES AND ELECTRONIC SIGNATURES

Article 76: Acceptance of electronic filing and issuance of documents

Article 77: Instructions on the use of electronic messages and electronic signatures by public organs

CHAPTER XIII: MISCELLANEOUS PROVISIONS

Article 78: Obligation of confidentiality

CHAPTER XIV: FINAL PROVISIONS

Article 79: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 80: Repealing provision

Article 81: Commencement

CHAPITRE XII: UTILISATION PAR LE GOUVERNEMENT DES MESSAGES ET SIGNATURES ELECTRONIQUES

Article 76: Acceptation de l'archivage électronique et l'émission de documents

Article 77: Instructions sur l'utilisation des messages et signatures électroniques par les institutions publiques

CHAPITRE XIII: DISPOSITIONS DIVERSES

Article 78: Obligation de confidentialité

CHAPITRE XIV : DISPOSITIONS FINALES

Article 79: Elaboration, examen et adoption de la présente loi

Article 80: Disposition abrogatoire

Article 81: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°18/2010 RYO KUWA
12/05/2010 RYEREKEYE UBUTUMWA
KORANABUHANGA, UMUKONO
KORANABUHANGA
N'HEREREKANYA
KORANABUHANGA**

**LAW N°18/2010 OF 12/05/2010
RELATING TO ELECTRONIC
MESSAGES, ELECTRONIC
SIGNATURES AND ELECTRONIC
TRANSACTIONS**

**LOI N°18/2010 DU 12/05/2010 RELATIVE
AUX MESSAGES ELECTRONIQUES,
SIGNATURES ELECTRONIQUES ET
TRANSACTIONS ELECTRONIQUES**

**Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;**

**We, KAGAME Paul,
President of the Republic;**

**Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE
RITYA KANDI DUTEGETSE KO
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA
YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 23 Mata 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 22, iya 29, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108, iya 118 n'iya 201;

Ishingiye ku Byemezo bya nyuma bireba Itegeko Shingiro n'Amasezerano

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 23 April 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of June 04, 2003 as amended to date, especially in Articles 22, 29, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 118 and 201;

Pursuant to final Acts relating to the

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, réunie en sa session du 23 avril 2010 ;

Vu La Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 22, 29, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 118 and 201 ;

Vu les Actes finals relatifs à la Constitution et

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

by'Umuryango Mpuzamahanga w'Itumanaho byashyirweho umukono I Marrakesh kuwa 18 Ukwakira 2002, nk'uko byemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 56/01 ryo kuwa 12/10/2006;	Constitution and Convention of the International Communication Union adopted in Marrakesh on October 18, 2002 as ratified by the Presidential Order n°56/01 of 12/10/2006;	à la Convention de l'Union Internationale des Télécommunications adoptés le 18 octobre 2002 à Marrakech tel que ratifiés par l'Arrêté présidentiel n° 56/01 du 12/10/2006 ;
Ishingiye ku Itegeko-teka n° 21/77 ryo kuwa 18/08/1977, rishyiraho Igitabo cy'amategeko ahana, nkuko ryahinduwe kugeza ubu;	Pursuant to Decree-law n° 21/77 of 18/08/1977 establishing Penal Code, as modified to date;	Vu le Décret-loi n° 21/77 du 18/08/1977 portant Code Pénal, tel que modifié à ce jour ;
Ishingiye ku Itegeko n° 15/2001 ryo kuwa 28/1/2001 rihindura kandi ryuzuzura Itegeko n° 35/91 ryo ku wa 05 Kamena 1991 ritunganya ubucuruzi bwo mu Gihugu;	Pursuant to Law n° 15/2001 of 28/1/2001 amending and completing Law n° 35/91 of 5 th August 1991 concerning the organization of Internal Trade;	Vu la Loi n° 15/2001 du 28/1/2001 modifiant et complétant la loi n°35/91 du 5/8/1991 portant organisation du Commerce Intérieur ;
Ishingiye ku Itegeko n° 44/2001 ryo kuwa 30/11/2001 rigenga ibyerekeye Itumanaho;	Pursuant to Law n° 44/2001 of 30/11/2001 governing Telecommunications;	Vu la Loi n° 44/2001 du 30/11/2001 organisant les Télécommunications ;
Ishingiye ku Itegeko n° 15/2004 ryo kuwa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo;	Pursuant to Law n° 15/2004 of 12/06/2004 relating to evidence and its production;	Vu la Loi n° 15/2004 du 12/06/2004 portant modes et administration de la preuve ;
Ishingiye ku Itegeko n° 31/2009 ryo kuwa 26/10/2009 rigamije kurengera Umutungo Bwite mu by'Ubwenge;	Pursuant to Law n° 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of Intellectual Property;	Vu la Loi n° 31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la Propriété Intellectuelle ;

YEMEJE :

**UMUTWE MBERE:
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rigenga ihererekanya rikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga, ubutumwa koranabuhanga, gukumira ikoreshwa nabi rya mudasobwa mu ihererekanya rikoreshejwe ikoranabuhanga, umukono koranabuhanga n'ibindi byose bijyanye n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu bikorwa by'iterambere.

Iri tegeko ntirireba ikoreshwa ry'inyandiko zisabwa kuba ziri mu mpapuro kandi zishyirwaho umukono wa nyir' ukuzitanga ari zo zikurikira:

1° inyandiko y'irage;

2° inyandiko zishobora gucuruzwa;

3° inyandiko mpeshaburenganzira;

4° amasezerano y'ubucuruzi cyangwa indi nyandiko irebana n'umutungo utimukanwa, cyangwa n'izindi nyungu zifatye kuri uwo mutungo;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Scope of this Law

This Law governs electronic transactions, electronic messages and prevention of misuse of computers in electronic transactions, electronic signature and all other applications relating to information technology.

This Law shall not apply to use of hard copies and which require signature of the issuer and these are:

1° a will;

2° negotiable instruments;

3° a power of attorney;

4° a commercial agreement or other document related to immovable property or any interest in such property;

ADOPTÉ :

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Champ d'application de la présente loi

La présente loi régit les transactions électroniques, les messages électroniques, la prévention de l'utilisation abusive d'ordinateurs dans les transactions et la signature électroniques et toutes autres applications relatives à la technologie de l'information.

La présente loi ne s'applique pas aux actes repris ci-après exigeant qu'ils soient faits par écrit et signés par l'émetteur:

1° un testament;

2° les titres négociables;

3° une procuration ;

4° un contrat commercial ou autre document en rapport avec la propriété immobilière ou tout autre droit y relatif;

- | | | |
|--|---|--|
| 5° inyandiko yemeza ihererekanya ry'umutungo utimukanwa cyangwa indi nyungu ifatiye kuri uwo mutungo | 5° a certificate of transfer of immovable property or any other interest attached to such property; | 5° un certificat de transfert de biens immobiliers ou de tout autre droit y relatif; |
| 6° inyandiko mpamo cyangwa indi nyandiko yose yakumvikana nkayo. | 6° an authentic document or any document deemed authentic. | 6° un acte authentique ou tout autre document réputé authentique. |

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

Under this Law, the following terms shall be defined as follows:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

- | | | |
|--|--|--|
| 1° « uwohererejwe inyandiko koranabuhanga »: umuntu wagenwe n'uwanditse inyandiko koranabuhanga hatarimo umuntu ukora nk'umuhuza ku birebana n'iyonyandiko; | 1° “ addressee of an electronic message ”: person who is intended by the originator to receive the electronic message, but does not include a person acting as an intermediary with respect to that data message; | 1° « destinataire »: personne à qui est destiné un message électronique par l'émetteur, à l'exception de la personne qui agit en tant qu'intermédiaire pour ce message; |
| 2° « umukozi ubifitiye ububasha »: umuntu wahawe ububasha n'Umugenzuzi nk'uko bivugwa mu ngingo ya 66 y'iri tegeko; | 2° “ authorised officer ”: a person who is given competence by the controller as specified in article 66 of this law; | 2° « agent autorisé »: personne autorisée par le contrôleur en vertu de l'article 66 de la présente loi; |
| 3° « icyemezo »: inyandiko koranabuhanga cyangwa indi nyandiko iyo ariyo yose yemeza isano iri hagati ya nyir'umukono n'ibiwukoze; | 3° “ certificate ”: electronic message or any other message confirming the link between a signatory and the contents of the document; | 3° « certificat »: message électronique ou tout autre enregistrement confirmant le lien entre un signataire et des données afférentes à la création de signature ; |
| 4° « ubuyobozi butanga icyemezo »: umuntu cyangwa ikigo gitanga icyemezo; | 4° “ certification authority ”: a natural person or legal entity that issues a certificate; | 4° « prestataire de services de certification »: personne physique ou personne morale qui délivre un |

- | | | |
|---|---|---|
| <p>5° «inyandiko ikoresha icyemezo»: inyandiko yatanzwe n’ubuyobozi butanga icyemezo igaragaza uburyo bukoreshwa mu gutanga icyemezo;</p> | <p>5° “certification practice statement”: statement issued by a certification authority specifying the practices used in issuing certificates;</p> | <p>certificat ;
5° «déclaration des pratiques de certification»: déclaration délivrée par un prestataire de service de certification spécifiant les pratiques employées pour la délivrance de certificats;</p> |
| <p>6° «serivisi z’imiyoboro y’ikoranabuhanga»: gutanga imiyoboro, korohereza uburyo bw’itumanaho, gukoresha uburyo bw’itumanaho, kohereza cyangwa kuyobora ubutumwa hagati y’ahantu havuzwe n’uyikoresha n’aho amakuru akorerwa akanabikwa;</p> | <p>6° “communication network services”: provision of connections, the operation of facilities for communication systems, the provision of access to communication systems, transmission or routing of data messages between or among points specified by a user and the processing and storage of data;</p> | <p>6° « services de réseau de communication »: fourniture de réseaux, l’opération d’installations de systèmes de communication, d’accès aux systèmes de communication, la transmission ou le cheminement de messages électroniques entre ou parmi des points indiqués par un utilisateur et le traitement et le stockage de données ;</p> |
| <p>7° «programu ya mudasobwa»: amabwiriza akubiye mu magambo, mu bimenyetso, mu bishushanyo cyangwa mu bundi buryo ubwo aribwo bwose, ku buryo, iyo ayo mabwiriza ari mu mashini yindi ishobora kuyasoma kandi ikorana niyo mudasobwa bituma mudasobwa ikora imirimo yasabwe cyangwa ikagera ku bikenewe;</p> | <p>7° “computer program”: set of oral instructions, codes, schemes or in any other form, which is capable, when incorporated in a machine-readable medium, of causing a computer to perform or achieve a particular task or result;</p> | <p>7° «programme informatique»: ensemble d’instructions, exprimées sous forme de mots, codes, schémas ou toute autre forme, capable, lorsqu’il est inséré dans un support exploitable par une machine, de faire accomplir à l’ordinateur une tâche particulière ou un résultat particulier ;</p> |
| <p>8° «umugenzuzi»: Ikigo ngenzuramikorere nk’uko bisobanuye mu gace ka 25 k’iyi ngingo;</p> | <p>8° “controller” : Regulatory Authority as specified in item 25 of this article;</p> | <p>8° «contrôleur»: autorité de régulation spécifiée au point 25 du présent article;</p> |
| <p>9° «bifitanye isano»: urufunguzo rwihariye</p> | <p>9° “corresponding”: a private key and a</p> | <p>9° «correspondant»: une clé privée et une</p> |

n'urufunguzo rusange bikorana;	public key which belong to the same key pair;	clé publique qui appartiennent à la même paire de clés;
10° « umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare »: umukono koranabuhanga ushinzwe guhindura inyandiko koranabuhanga ikoresheje uburyo budasubirwamo bw'imfunguzo ebyiri, urwihariye n'urufunguzo rusange bituma umuntu ubonye inyandiko idahinduwe n'ufite urufunguzo rusange bamenya:	10° “ digital signature ”: electronic signature consisting of a transformation of an electronic message using an asymmetric cryptosystem and a hash function such that a person having the initial untransformed electronic message and the signer's public key can accurately determine:	10° « signature numérique »: signature électronique qui consiste en une transformation d'un message électronique utilisant un système cryptographique asymétrique et une fonction de hachage de manière à ce que la personne ayant le message électronique initial non transformé et la clé publique du signataire puisse déterminer de manière exacte:
a) niba ihindurwa ryakozwe hakoreshejwe urufunguzo rwihariye rufitanye isano n'urufunguzo rusange;	a) whether the transformation was created using the private key that corresponds to the signer's public key;	a) si la transformation a été faite en utilisant la clé privée correspondant à la clé publique;
b) niba inyandiko y'ibanze ikimeze nk'uko yari nyuma y'aho ihindurwa mu ikoranabuhanga rikozwe;	b) whether the initial electronic message is as it was after the transformation was made;	b) si le message électronique initial n'a pas été altéré depuis que la transformation a eu lieu ;
11° « icyemezo cy'umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare »: inyandiko koranabuhanga itanzwe kugira ngo yerekane ko umukono koranabuhanga ushimangira ibiranga umuntu cyangwa ibindi byemeza ko umuntu afite infunguzo zombi, urwihariye n'urwa rusange;	11° “ digital signature certificate ”: an electronic message issued for the purpose of supporting digital signatures which purports to confirm the identity of the person or other significant characteristics certifying that the person holds the private and the public keys;	11° « certificat de signature numérique »: un message électronique émis pour prouver que la signature électronique confirme l'identité de la personne ou autres caractéristiques attestant que la personne détient la clé privée et la clé publique ;

- 12° «inyandiko koranabuhanga»: amakuru yakiriwe, yatanzwe, yoherejwe cyangwa ashyinguye ku buryo koranabuhanga, ubwo aribwo bwose cyangwa n'ibindi bisa birimo ihererekanyamakuru koranabuhanga nko kwandikirana hakoreshejwe mudasobwa, ikoreshabuhanga mu itumanaho hakoreshejwe telegaramu, telegisi cyangwa telekopi;
- 12° “electronic message”: information received, issued, sent or stored by electronic means or any other similar means including electronic data interchange (EDI), such as electronic mail, telegram, telex or telecopy;
- 12° «message électronique»: information reçue, émise, envoyée, reçue ou stockée par tout moyen électronique ou des moyens analogues, notamment l'échange de données informatisées, la messagerie électronique, le télégraphe, le télex et la télécopie;
- 13° «kwishyurwa mu buryo bw'ikorabuhanga»: ibwiriza ryatanzwe ryo kohereza amafaranga cyangwa ryo kwishyura ryatanzwe mu nyandiko ikoranabuhanga;
- 13° “electronic payment order”: an order issued to transfer money or execute a payment sent by an electronic message;
- 13° «ordre de paiement électronique»: ordre de transférer de l'argent ou d'exécuter un paiement envoyé au moyen d'un message électronique ;
- 14° «ihererekanya ry'amakuru mu buryo bw'ikorabuhanga»: ihererekanya ry'inyandiko rikozwe hagati ya za mudasobwa zikoresheje amabwiriza yumvikanyweho mu gutunganya izo nyandiko. icyo gihe mudasobwa ifatwa nk'uhagarariye umuntu mu buryo koranabuhanga;
- 14° “electronic data interchange (EDI)”: the electronic transfer of messages between computers by using an agreed standard to structure the information. The computer in this context is meant to be the “electronic agent” of the party;
- 14° «échange de données informatisées (EDI)»: transfert électronique d'une information d'ordinateur à ordinateur mettant en œuvre une norme convenue pour structurer l'information. Dans ce contexte, l'ordinateur agit comme un agent électronique de l'initiateur ;
- 15° «umukono koranabuhanga»: amakuru koranabuhanga ashyizwe ku nyandiko koranabuhanga cyangwa afitanye isano nayo akaba yakoreshwa mu kugaragaza nyir'umukono ufite isano n'inyandiko koranabuhanga cyangwa mu kwemeza
- 15° “electronic signature”: data in electronic form, affixed to or logically associated with, an electronic message, which may be used to identify the signatory in relation to the electronic message or to approve the information
- 15° «signature électronique»: données sous forme électronique contenues dans un message électronique ou jointes ou logiquement associées audit message, pouvant être utilisées pour identifier le signataire dans le cadre du

amakuru akubiye mu nyandiko koranabuhanga;	contained in the electronic message;	message électronique et indiquer qu'il approuve l'information qui y est contenue;
16° « umuhuza ku byerekeranye n'inyandiko koranabuhanga yihariye »: umuntu ukora mu izina ry'undi muntu akohereza, akakira cyangwa akabika iyo nyandiko koranabuhanga cyangwa agakora ibindi birebana n'iyonyandiko;	16° “ intermediary ” with respect to a particular electronic message”: a person, who, on behalf of another person, sends, receives or stores such an electronic message or provides other services with respect to that electronic message;	16° « intermédiaire dans le cas d'un message électronique particulier » : personne qui, au nom d'une autre, envoie, reçoit ou conserve le message ou fournit d'autres services afférents à celui-ci;
17° « uburyo bukoresha ikoranabuhanga »: uburyo bukoreshwa mu gukora, kwohereza, kwakira, kubika cyangwa bukora ikindi cyose ku nyandiko koranabuhanga;	17° “ information system ”: a system for generating, sending, receiving, storing or otherwise processing electronic messages;	17° « système d'information »: un système utilisé pour créer, envoyer, recevoir, conserver ou traiter de toute autre manière des messages de données ;
18° « imfunguzo zombi mu buryo bukora umukono »: urufunguzo rwihariye n'urufunguzo rusange rugenzura umukono ukozwe mu buryo koranabuhanga wakoze n'urufunguzo rwihariye.	18° “ key pair in an asymmetric cryptosystem ”: a private key and its mathematically related public key to verify a digital signature created by the private key;	18° « paire de clés asymétriques »: une clé privée et une clé publique qui lui est mathématiquement liée, la clé publique ayant la propriété de vérifier la signature numérique créée par la clé privée;
19° « iyibutsa »: ibimenyetso byerekana cyangwa bisobanura ibimenyetso biri mu mvugo ya mudasobwa mu gipimo gito ku buryo:	19° “ hash function ” : an algorithm mapping or translating a sequence of bits in smaller units, such that :	19° « fonction de hachage » : processus de traduction algorithmique d'une séquence numérique en une autre séquence généralement plus courte de manière à ce que :
a) inyandiko itanga igisubizo kimwe buri gihe cyose ibimenyatso	a) a message which yields the same hash result every time the algorithm is executed	a) un message électronique produit le même résultat de hachage à chaque fois

koranabuhanga bikoreshejwe mu gukora inyandiko imwe;	using the same message as input;	que la fonction algorithmique est utilisée avec le même message saisi;
b) bidashoboka mu buryo bw'ikoranabuhanga ko inyandiko yakongerera guterateranywa hakoreshejwe bya bimenyetso;	b) it is electronically not feasible that a message can be reconstituted by the algorithm;	b) il est électroniquement impossible de reconstituer le message initial à partir du résultat de hachage produit par l'algorithme;
c) bidashoboka mu buryo bw'ikoranabuhanga ko inyandiko ebyiri zatanga igisubizo kimwe igihe cyose ibyo bimenyetso bikoreshejwe;	c) it is electronically not feasible that two messages can produce the same hash result using the algorithm;	c) il est électroniquement impossible de trouver deux messages pouvant produire le même résultat de hachage après l'utilisation de l'algorithme;
20° «ubuyobozi butanga icyemezo mpamwo bwemewe»: ubuyobozi butanga icyemezo bubihereye uruhushya n'Umugenzuzi;	20° “licensed certification authority” : a certification authority licensed by the Controller;	20° «prestataire de service de certification accrédité»: prestataire de service de certification accrédité par le contrôleur ;
21° «Minisitiri»: Minisitiri ufite isakazabumenyi mu ikoranabuhanga n'itumanaho mu nshingano ze;	21° ‘Minister’ : Minister in charge of information and communication technology;	21° «Ministre»: Ministre ayant la technologie de l'information et de la communication dans ses attributions ;
22° «nyir'ubwite» : umuntu cyangwa umuhagarariye; inyandiko koranabuhanga izwi kuba ariwe wayohereje cyangwa ikomokaho mbere yuko ibikwa niba hari ihari, ariko ntabwo bireba umuhuza ku birebana n'iyi nyandiko koranabuhanga;	22° “originator”: person by whom, or on whose behalf, the electronic message, if any, has been sent or generated prior to storage, but it does not concern the intermediary with respect to that electronic message;	22° «expéditeur»: la personne par laquelle, ou au nom de laquelle, le message électronique, s'il y en a, est réputé avoir été envoyé ou créé avant d'avoir été conservé, à l'exception de la personne qui agit en tant qu'intermédiaire pour ce message ;
23° «urufunguzo rwihariye»: urufunguzo rumwe rwagenewe gukora umukono koranabuhanga ukoze mu mibare;	23° “private key” : the key of a key pair used to create a digital signature;	23° «clé privée»: la clé de la paire de clés utilisée pour la création d'une signature numérique ;

- 24° «**urufunguzo rusange**»: urufunguzo rumwe rukoresha mu kugenzura umukono w'ikoranabuhanga ukozwe mu mibare;
- 24° “**public key**” : key used to verify a digital signature;
- 24° «**clé publique**» : clé de la paire de clés utilisée pour vérifier une signature numérique;
- 25° «**urwego ngenzuramikorere**»: ikigo gifite inshingano zo kugenzura isakazabumenyi mu ikoranabuhanga n'itumanaho mu nshingano **zacyo**;
- 25° “**regulatory authority**”: the responsible body or institution having the mandate to regulate the information and communication technologies sector;
- 25° «**autorité de régulation**»: une institution responsable ou ayant une mission de réglementer le secteur de la technologie de l'information et la communication ;
- 26° «**ububiko**»: uburyo bwo kubika no kubikura ibyemezo cyangwa amakuru afitanye isano n'ibyemezompamo;
- 26° “**repository**” a system for storing and retrieving certificates or other information relating to authentic certificates;
- 26° «**répertoire**»: un système de conservation et de retrait de certificats ou autre information relative aux certificats ;
- 27° «**kuvanaho icyemezo**»: kurangiza ku buryo budasubirwaho igihe cy'ikoresha ry'icyemezo guhera igihe runaka cyagaragajwe;
- 27° “**revoke a certificate**”: definite termination of an operational period of a certificate from a specified time;
- 27° «**révocation d'un certificat**»: mettre un terme de façon définitive à la période opérationnelle d'un certificat à partir d'un moment déterminé;
- 28° «**uburyo bwo kurinda inyandiko**»: uburyo bwo:
- 28° “**security procedure**” : a procedure for the purpose of :
- 28° «**procédure de sécurité**» : procédure aux fins de:
- a) kugenzura ko inyandiko koranabuhanga cyangwa umukono koranabuhanga ari iby'umuntu runaka; cyangwa;
- a) verifying that an electronic message or electronic signature is that of a specific person; or
- a) vérifier qu'un message électronique ou une signature électronique sont celles d'une personne spécifique ; ou
- b) kuvumbura ikosa cyangwa icyononekaye mu itumanaho, ibigize cyangwa ibibitswe mu nyandiko koranabuhanga guhera igihe runaka, bigasaba gukoresha ibimenyetso cyangwa inyandiko y'ibanga
- b) detecting an error or alteration in the communication, content or storage of an electronic message from a specific period of time, which requires the use of algorithms or codes, identifying words or numbers, encryption or known procedures and similar
- b) détecter toute erreur ou altération dans la communication, le contenu ou la mémoire d'un message électronique depuis une période de temps déterminé, qui nécessite l'utilisation d'algorithmes ou codes, de noms ou

bigaragaza amagambo, imibare, ibisubizo byabonetse, cyangwa uburyo buzwi cyangwa n'ibindi birebana no kurinda umwimerere w'inyandiko;

devices for originality of messages;

numéros identifiant, de chiffrement, de réponse en retour ou procédures d'accusé de réception ou autres dispositifs de sécurité similaires ;

29° «**nyir'umukono**»: umuntu ufite ibyangombwa bigize uwo mukono akabikora mu izina rye cyangwa akabikora mu izina ry'uwo ahagarariye;

29° “**signatory**”: a person who holds signature creation data and who acts either on his/her own behalf or on behalf of the person he or she represents;

29° «**signataire**»: une personne qui détient les données afférentes à la création de signature ou le dispositif de création de signature et qui agit soit pour son propre compte, soit pour celui de la personne qu'elle représente ;

30° «**umukono n'ibyo bigendana byose mu rwego rw'imbonezamvugo**»: ibimenyetso byakozwe cyangwa byemejwe cyangwa uburyo ubwo aribwo bwose bukoreshwe cyangwa bwemejwe n'umuntu agambiriye kureba ko inyandiko ari umwimerere, harimo uburyo koranabuhanga cyangwa uburyo bukoze mu mibare;

30° “**signature**” and its grammatical variations: any symbol executed or adopted, or any methodology or procedure employed or adopted by a person with the intention of verifying the originality of the message, including electronic or digital methods;

30° «**signature et ses variations grammaticales**»: tout symbole exécuté ou adopté, ou toute méthodologie ou procédure employée ou adoptée par une personne dans l'intention d'authentifier un message, y compris les méthodes électroniques ou numériques ;

31° «**umufatabuguzi**»: umuntu wanditswe ku cyemezo yahawe kandi afite urufunguzo rwihariye rufitanye isano n'urufunguzo rusange, zombi kandi zanditse muri icyo cyemezo;

31° “**subscriber**”: a person who is named or identified on a certificate issued to him/her and who holds a private key that corresponds to a public key both of which are indicated in that certificate;

31° «**utilisateur**»: une personne indiquée ou identifiée dans un certificat émis à son intention et qui détient une clé privée correspondant à une clé publique citées dans ce certificat ;

32° «**uburyo butanga icyizere**»: ugukoresha mudasobwa n'ubundi buryo bukoreshwa ku buryo:

32° “**trustworthy system or trustworthy manner**”: use of computer hardware and any other ware and procedures that :

32° «**système fiable ou manière fiable**»: utilisation du matériel informatique, des logiciels et des procédures informatiques qui :

a) burinda umwimerere w'inyandiko

a) reasonably provides security so as to avoid

a) sont raisonnablement sécurisés contre les

kugira ngo itinjirwamo cyangwa itononekara ;	intrusion or damage;	intrusions et les abus;
b) butuma ikoreshwa rishoboka ku buryo bukwiye bwizewe kandi nyakuri;	b) provide a reasonable level of availability, reliability and correct operation;	b) assurent un niveau raisonnable de disponibilité, de fiabilité et de bon fonctionnement ;
c) bukozwe neza ku buryo ibyo isabwa byose bikorwa nta mpungenge;	c) are reasonably suited to performing in a secure manner their intended functions;	c) sont raisonnablement équipés pour remplir en toute sécurité leurs fonctions;
d) bwakira ubundi buryo bwemewe muri rusange mu kurinda umutekano;	d) adhere to generally accepted security procedures;	d) adhèrent aux procédures de sécurité généralement acceptées ;
33° « guhagarika icyemezo »: guhagarika igihe cy'ikoreshwa ry'icyemezo guhera igihe runaka;	33° " suspend a certificate ": to temporarily suspend the operational period of a certificate up to a specified time;	33° « suspension d'un certificat »: suspendre temporairement la période opérationnelle d'un certificat à partir d'un moment déterminé;
34° « icyemezo cyemewe »: icyemezo cyatanzwe n'ubuyobozi butanga icyemezo kandi umufatabuguzi ucyanditseho yemeye;	34° " valid certificate " : a certificate that a certification authority issues and which the subscriber named on it accepts;	34° « certificat valide »: un certificat émis par un prestataire de service de certification et dont l'utilisateur qui y est cité a accepté ;
35° « kugenzura umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare » : kwemeza bihamye ko:	35° " verification of a digital signature ": to determine accurately that :	35° « vérifier une signature numérique » : déterminer de manière précise que :
a) umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare wakoze hakoreshejwe urufunguzo rwihariye rufitanye isano n'urufunguzo rusange zombi zigaragara ku cyemezo kandi ko	a) the digital signature was created using the private key corresponding to the public key on the certificate and that	a) la signature numérique a été créée en utilisant la clé privée correspondant à la clé publique indiquées dans le certificat;

b) inyandiko itononekaye kuva aho umukono koranabuhanga ukozwe mu mibare wayo wokorewe.

b) the message was not damaged from when its digital signature was created.

b) le message n'a pas été altéré depuis la création de sa signature numérique.

UMUTWE WA II: IBISABWA N'AMATEGEKO KUGIRA NGO UBUTUMWA KORANABUHANGA BWEMERWE

CHAPTER II: LEGAL REQUIREMENTS FOR RECOGNITION OF ELECTRONIC MESSAGES

CHAPITRE II : CONDITIONS LEGALES DE VALIDITE DES MESSAGES ELECTRONIQUES

Ingingo ya 3: Iyemerwa ry'ubutumwa koranabuhanga

Article 3: Recognition of electronic messages

Article 3 : Reconnaissance des messages électroniques

Ubutumwa koranabuhanga ihabwa agaciro hakurikijwe iri tegeko. Ntabwo inyandiko yakwamburwa agaciro, ukuri cyangwa ntishyirwe mu bikorwa hashingiwe ko gusa iri mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Electronic message shall be valid in accordance with this law. The message shall not be invalid merely on the grounds that it is in form of a data message.

Le message électronique tire sa validité de sa conformité à la présente loi. Aucune information ne peut être privée de ses effets juridiques, de sa validité ou de sa force exécutoire au seul motif qu'elle est sous la forme d'un message électronique.

Nta butumwa buta agaciro cyangwa ngo bwangirwe gushyirwa mu bikorwa kubera gusa ko butari mu buryo bw'ikoranabuhanga kandi nta ngaruka byatera imbere y'amategeko ishingiye ku nyandiko koranabuhanga.

A message shall not lose legal effect or be denied enforceability solely on the grounds that it is not contained in form of electronic message and it shall create no legal effects, if it is based on electronic message.

Aucune information ne peut être privée de sa validité ou de sa force exécutoire au seul motif qu'elle n'est pas incorporée dans le message électronique supposé produire ces effets juridiques, mais qu'il y est uniquement fait référence.

Ingingo ya 4: Inyandiko

Article 4: Writing

Article 4 : Ecrit

Iyo itegeko risaba ko amakuru aba yanditse, inyandiko koranabuhanga iba ibyujije iyo amakuru ayikubiyemo ashobora kugerwaho igihe cyose bikenewe.

Where the law requires information to be in writing, that requirement is met by an electronic message if the information contained therein is accessible as need be.

Lorsque la loi exige qu'une information soit sous forme écrite, un message électronique satisfait à cette exigence si l'information qu'il contient est accessible pour être consultée

chaque fois que de besoin.

Ingingo ya 5: Inyandiko y'umwimerere

Iyo itegeko risaba ko amakuru yerekanwa cyangwa abikwa mu nyandiko y'umwimerere, inyandiko koranabuhanga iba ibyujije iyo:

1° umuntu yakwizera ko inyandiko ikimeze nk'uko yateguwe ku buryo budasubirwaho nk'inyandiko koranabuhanga cyangwa n'indi iyo ari yo yose;

2° iyo iyo nyandiko ishobora kwerekanwa igihe cyose isabwe.

Ingingo ya 6: Iyemerwa ry'inyandiko koranabuhanga no kuba yatangwa nk'ikimenyetso

Mu buryo ubwo aribwo bwose bw'amategeko, inyandiko koranabuhanga yemerwa kandi ihabwa agaciro nk'ikimenyetso hatitawe ko:

1° ari inyandiko koranabuhanga gusa;

Article 5: Original document

Where the Law requires information to be presented or retained in its original form, that requirement is met by an electronic message if:

1° there exists a reliable assurance that the information when it was first generated in its final form, as an electronic message or otherwise; and

2° if the information can be accessible at any time as may be required.

Article 6: Admissibility of electronic message and its presentation as evidence

In any legal proceedings, electronic messages shall be accepted and admissible as evidence irrespective of:

1° the sole ground that it is an electronic message;

Article 5 : Original

Lorsque la loi exige qu'une information soit présentée ou conservée sous sa forme originale, un message électronique satisfait à cette exigence :

1° s'il existe une garantie fiable quant à l'intégrité de l'information à compter du moment où elle a été créée pour la première fois sous sa forme définitive en tant que message électronique ou autre;

2° si cette information est accessible à tout moment chaque fois qu'elle est demandée.

Article 6 : Admissibilité et force probante d'un message électronique

Dans toute procédure légale, la force probante d'un message électronique ne peut être déniée :

1° au seul motif qu'il s'agit d'un message électronique;

2° itari umwimerere mu gihe uyerekana agaragaje ko ari cyo kimenyetso kiruta ibindi ashoboye kubona.

Mu kugenzura uburemere bw'inyandiko koranabuhanga hitabwa ku kureba ko uburyo inyandiko koranabuhanga yakozwe, yabitswe cyangwa yasakajwe bwizewe ndetse n'icyizere ko itashoboraga guhindurwa.

Ingingo ya 7: Kubika inyandiko koranabuhanga

Iyo itegeko risaba y'uko inyandiko, ubutumwa cyangwa amakuru bibikwa, inyandiko koranabuhanga iba yujuje ibisabwa iyo:

- 1° amakuru ayikubiyemo ashobora kugerwaho igihe cyose bikenewe;
- 2° ikimeze nk'uko yakozwe, yoherejwe, yakiriwe, cyangwa iri mu buryo ishobora kwerekana ko ibikubiyemo bitahindutse;
- 3° aho yaturutse, uwo yoherejwe, itariki n'igihe yoherejwe cyangwa

2° on the ground that it is not in its original form if it is the best evidence that the person adducing it could reasonably obtain.

In assessing the evidential weight of an electronic message, regard shall be placed on the reliability of the manner in which the electronic message was generated, stored or communicated, as well as the reliability of the possibility of its alteration.

Article 7: Retention of electronic messages

Where the law requires that documents, messages or information be retained, that requirement is met by an electronic message provided that the following conditions are met:

- 1° the information contained therein shall be accessible at any time when required;
- 2° is retained in the format in which it was generated, sent, received, or in the format that can demonstrate that the contents were not altered;
- 3° If the originality, receiver, date and time when it was sent or received can be

2° au motif que le message n'est pas sous sa forme originale s'il s'agit de la meilleure preuve que celui qui la présente peut raisonnablement obtenir

La force probante d'un message électronique s'apprécie eu égard à la fiabilité du mode de création, de conservation ou de communication du message, la fiabilité du mode de préservation de l'intégrité de l'information.

Article 7: Conservation des messages électroniques

Lorsque la loi exige que les documents, messages ou informations soient conservés, cette exigence est satisfaite par le message électronique si les conditions suivantes sont réunies :

- 1° l'information que contient le message électronique est accessible chaque fois que de besoin;
- 2° le message électronique est conservé dans la forme sous laquelle il a été créé, envoyé ou reçu ou sous une forme permettant de s'assurer que son contenu n'a pas été modifié ;
- 3° l'origine, le destinataire, la date et l'heure d'envoi ou de réception du

yakiriwe bishobora kumenyekana.	identified.	message électronique sont identifiables
Ishingano yo kubika inyandiko, ubutumwa cyangwa amakuru hakurikijwe ibiri mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibisobanura ko bireba inyandiko iyo ariyo yose ishobora kugaragaza ubutumwa bwoherezwa cyangwa bwakirwa.	The obligation to retain documents, messages or information in accordance with provisions of paragraph one of this article does not mean it is extending to any document of which purpose is to disclose the message to be sent or received.	.L'obligation de conserver les messages, les messages ou les informations conformément à l'alinéa premier du présent article ne signifie pas qu'elle ne s'étend pas à n'importe quel document dont l'objet est de révéler le message électronique à envoyer ou à recevoir.
Haseguriwe amategeko ajyanye n'ibikwa ry'inyandiko n'amakuru mu buryo bw'ikorabuhanga, urwego ngenzuramikorere rubifitiye ububasha rushobora kugena ibisabwa by'inyongera mu kubika inyandiko korabuhanga.	Subject to laws governing retention of electronic messages and information, the competent regulatory authority may determine additional requirements for retaining electronic messages.	Sous réserve des lois régissant la conservation des messages et informations électroniques, l'autorité de régulation compétente peut fixer des exigences supplémentaires pour la conservation des messages électroniques.
UMUTWE WA III: UBURYOZWE BW'ABATANGA SERIVISI Z'IMIYOBORO Y'IKORANABUHANGA, ABATANGA IBYEMEZO N'ABAHUZA	CHAPTER III: LIABILITY OF COMMUNICATION TECHNOLOGY NETWORK CERTIFICATION AUTHORITIES AND INTERMEDIARIES	HAPITRE III : RESPONSABILITE DES SERVICES DE RESEAU DE COMMUNICATION, DES PRESTATAIRES DE SERVICE DE CERTIFICATION ET DES INTERMEDIAIRES
<u>Ingingo ya 8:</u> Uburyozwe bw'abatanga serivisi z'imiyoboro y'ikorabuhanga	<u>Article 8:</u> Liability of communication network services	<u>Article 8:</u> Responsabilité des services de réseau de communication
Utanga serivisi z'imiyoboro y'ikorabuhanga ntaryozwa ibikubiye mu nyandiko n'amakuru korabuhanga yanyujijwe ku muyoboro we n'undi muntu adafiteho ububasha. Ubwo buryozwe bureba:	A communication network service shall not be liable in respect of contents of documents, electronic message through his/her network and another person to whom he/she has no control. The liability shall apply to:	Le service de réseau de communication n'assume aucune responsabilité quant au contenu du document et du message électronique relayés sur son réseau et émanant d'une autre personne sur laquelle il n'a aucun

contrôle. Cette responsabilité concerne :

1° gukora, gutangaza no gusakaza amakuru ku muyoboro;

2° gukoresha ayo makuru mu buryo bunyuranyijwe n'ibiteganywa n'amategeko.

1° creation, publication and dissemination of electronic messages on the network ;

2° use of such electronic messages in a way that is contrary to the Law.

1° la production, la publication, la dissémination et la distribution des messages électroniques;

2° l'utilisation de ces messages électroniques d'une manière contraire aux dispositions légales.

Cyakora utanga serivisi z'umuyoboro w'ikoranabuhanga akomeza kubahiriza:

1° inshingano zikomoka ku masezerano;
2° inshingano zikubiye mu ruhushya rwo gutanga serivisi z'umuyoboro w'ikoranabuhanga yahawe n'umugenzuzi;

3° ibyemezo by'inkiko.

However, the communication network service shall continue to fulfil:

1° contractual obligations;
2° the obligations specified in the licence for provision of communication network service he/she was granted by the Controller;

3° Court decisions.

Toutefois, le prestataire de service de réseau de communication continue de respecter :

1° les obligations contractuelles;
2° les obligations contenues dans la licence de fourniture de service de communication lui accordées par le Contrôleur;

3° les décisions judiciaires.

Ingingo ya 9: Aho uburyozwe bw'abatanga ibyemezo bugarukira

Ubuyobozi bushinzwe gutanga ibyemezo ntiburyozwa igihombo cyaturutse ku:

1° mpamvu zo kugirira icyizere umukono koranabuhanga wiganwe biturutse ku mufatabuguzi ubikoresha;

Article 9: Limits of liability for certification authorities

A Certification Authority shall not be liable for any loss caused by:

1° reliance on a forged digital signature whose forgery is attributable to the subscriber;

Article 9: Limitation de responsabilité des prestataires de services de certification

Un prestataire de services de certification n'est pas responsable de toute perte résultant de:

1° la confiance faite en une signature numérique dont la contrefaçon est imputable à l'utilisateur;

2° gutanga amafaranga arenze ku yanditse mu cyemezo igihe uwakaga icyemezo yatanze nkana amakuru atari yo.

2° payment of amount exceeding the amount specified in the certificate in case the person who applied for the certificate deliberately provided false information.

2° paiement excédentaire supérieur au montant indiqué sur le certificat résultant des fausses déclarations faites intentionnellement par l'utilisateur.

Ingingo ya 10: Ibindi bitaryozwa

Umuhuza cyangwa ubuyobozi butanga icyemezo ntaryozwa ko yatanze ibituma amakuru aboneka, ahererekanwa cyangwa abikwa igihe cyose agaragaje ko:

- 1° atatangije iherekanywa;
- 2° atari we uhitamo uwoherezwa;
- 3° akoresha ikoranabuhanga rituma ibintu byikora nta ruhare abigizemo;
- 4° adashobora guhindura amakuru yoherejwe mu ikorabuhanga.

Ingingo ya 11: Uburyo bwo kubika amakuru bufasha kuyabona vuba

Umuhuza cyangwa utanga serivisi ntaryozwa inyandiko koranabuhanga ibitse mu buryo bwikoresha cyangwa abitse mu gihe gito iyo ikigamijwe mu kubika iyo nyandiko koranabuhanga ari ukuyohereza abandi bantu bayisabye, igihe cyose utanga serivisi:

Article 10: Other exceptions

An intermediary or a Certification Authority shall not be liable for providing access to information, transmission or its retention, as long as it:

- 1° does not initiate the transmission;
- 2° is not the one to select the addressee;
- 3° uses automatic communication technology without its role;
- 4° cannot modify the electronic information.

Article 11: Caching

An intermediary or a certification authority shall not be liable for the automatic, intermediate and temporary storage of that electronic record, in case the intention of such a storage of electronic record is its onward transmission to other recipients who requested

Article 10: Autres limitations de responsabilités

Un intermédiaire ou un prestataire de services de certification n'assume aucune responsabilité quant à permettre l'accès à un système d'information ou de transmission, le routage ou le stockage, chaque fois qu'il parvient à démontrer que:

- 1° il n'a pas initié la transmission;
- 2° il ne sélectionne pas le destinataire;
- 3° il exerce les fonctions d'une manière automatique ;
- 4° il ne peut modifier l'information électronique.

Article 11: Caching

Un intermédiaire ou un prestataire de service de certification n'assume aucune responsabilité quant au stockage automatique ou temporaire d'un enregistrement électronique lorsque le but de stocker cet enregistrement électronique est de rendre sa

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

for it, as long as the service provider:

transmission ultérieure à d'autres destinataires sur demande, tant que le prestataire de service:

- | | | |
|---|---|--|
| 1° atahinduye iyo nyandiko; | 1° does not modify the electronic record; | 1° ne modifie pas l'enregistrement électronique; |
| 2° yujuje ibisabwa mu kugera ku nyandiko koranabuhanga; | 2° fulfils the conditions for access to the electronic record; | 2° se conforme aux conditions d'accès à l'enregistrement électronique; |
| 3° akurikiza amabwiriza arebana no kuvugurura inyandiko koranabuhanga bisobanuye mu buryo buzwi n'abantu benshi kandi busanzwe bukoreshwa; | 3° complies with rules regarding the updating of the electronic message, specified in a manner widely recognised and used; | 3° se conforme aux règles concernant la mise à jour du message électronique indiquées d'une manière largement reconnue et utilisée; |
| 4° atabusanyije n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga ryemewe n'amategeko, rizwi n'abantu benshi kandi risanzwe rikoreshwa kugira ngo abone amakuru arebana n'ikoreshwa ry'inyandiko koranabuhanga; | 4° does not interfere with the lawful use of technology, widely recognised and used by industry, to obtain information relating to the use of the electronic message; | 4° ne contrevient pas à l'usage licite de la technologie largement reconnue et utilisée pour obtenir des informations sur l'utilisation du message électronique; |
| 5° akuraho cyangwa adatuma umuntu agera ku nyandiko koranabuhanga yabitse amaze kubona inyandiko ibimusaba. | 5° removes or disables access to the electronic message it has stored upon receiving a take-down notice. | 5° supprime ou désactive l'accès à un message électronique stocké sur réception d'un décollage sur une notification de retrait. |

Ingingo ya 12: Gucumbikira

Umuhuza cyangwa utanga serivisi yo gutanga icyemezo koranabuhanga utanga serivisi

Article 12: Hosting

An intermediary or a certification authority that provides a service comprising the storage

Article 12: Hébergement

Un intermédiaire ou un prestataire de service de certification électronique qui fournit un

zirimo kubika inyandiko koranabuhanga ntaryozwa ibyangiritse bitewe n'amakuru yabitswe igihe cyose:

- 1° atazi ko ayo makuru cyangwa igikorwa gifitanye isano n'ayo makuru hari uwo bibangamira;
- 2° atazi ibikorwa cyangwa impamvu zateye igikorwa kibangamye cyangwa ubwoko bw'ibangama bigaragara mu makuru;
- 3° amaze kubona inyandiko ibimusaba akuraho vuba amakuru cyangwa agatuma nta wongera kugera kuri ayo makuru.

Ibyavuzwe muri iyi ngingo ntibikurikizwa igihe uwabonye serivisi akorana n'utanga serivisi.

Ingingo ya 13: Ibikoresho by'aho amakuru ari

Umuhuza cyangwa utanga serivisi yo gutanga icyemezo koranabuhanga ntaryozwa ibyangiritse igihe ahuje abakoresha serivisi ze n'urundi rubuga rwa interineti badafitanye isano rufite inyandiko koranabuhanga

of electronic message shall not be liable for damages arising from information stored, as long as:

- 1° it is not aware that the information or the activity relating to the information infringes any person;
- 2° it is not aware of facts or circumstances from which the infringing activity or the infringing nature of the information is apparent;
- 3° upon receipt of a take-down notification provided by this law acts expeditiously to remove or to disable access to the information.

Provisions of this article shall not apply if the recipient of the service works with the service provider.

Article 13: Information location tools

An intermediary or a certification authority shall not be liable for damages incurred when it links its services with other different web sites containing electronic messages or activities that do not fulfil legal requirements,

service comprenant le stockage des documents électroniques n'est pas responsable des dommages résultant d'informations stockées, tant que:

- 1° il n'a pas effectivement su que l'information ou l'activité y relative porte atteinte aux droits d'un tiers;
- 2° n'était pas informé de faits ou des circonstances auxquels l'activité illicite ou la nature illégale de l'information est apparente;
- 3° sur réception d'une notification de retrait prévue par la présente loi agissant promptement pour retirer ou désactiver l'accès à l'information.

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas lorsque le destinataire du service agit en collaboration avec le prestataire de service.

Article 13: Outils du lieu d'information

Un intermédiaire ou un prestataire de service de certification n'assume aucune responsabilité pour les dommages subis par une personne s'il renvoie les utilisateurs vers une autre page web contenant un message

cyangwa ibikorwa bitujuje ibisabwa where:
n'amategeko mu gihe agaragaza ko:

- 1° atazi ko ayo makuru cyangwa igikorwa gifitanye isano n'ayo makuru hari uwo bibangamira;
- 2° atazi ibikorwa cyangwa impamvu zateye igikorwa kibangamye cyangwa ubwoko bw'ibangama rigaragara mu nyandiko koranabuhanga;
- 3° atakiriye inyungu y'amafaranga ifitanye isano n'igikorwa kibangamye;
- 4° akuraho cyangwa agatuma amakuru afitanye isano n'inyandiko koranabuhanga atongera kugaragara nyuma y'igihe gikwiye amaze kumenya ko iyo nyandiko koranabuhanga bifitanye isano bibangamiye uburenganzira bw'umuntu.

Ingingo ya 14: Gusaba kivanaho

Ubangamiwe amenyesha igikorwa kinyuranyije n'amategeko munyandiko ishyikirizwa umuhuza cyangwa utanga serivisi bireba, cyangwa ubahagarariye wemewe.

- where:
- 1° it is not aware that the information or activity relating to the information infringes any person;
 - 2° it is not aware of facts or circumstances of the infringing activity or the infringing nature of information;
 - 3° it does not receive a financial benefit directly attributable to the infringing activity;
 - 4° removes or disables access to the information relating to the electronic message within a reasonable time after being informed that such electronic message infringes the rights of a third party.

Article 14: Take-down notification

The complaint shall notify, in writing, an unlawful activity to the intermediary or to the concerned service provider or its designated agent.

électronique ou une activité illicite chaque fois qu'il parvient à démontrer que:

- 1° il n'a pas effectivement su que l'information ou l'activité relative à cette information porte atteinte aux droits d'un tiers;
- 2° il n'était pas informé des faits ou des circonstances de l'activité illicite ou de la nature illégale de l'information;
- 3° il n'a bénéficié d'aucun avantage financier directement lié à l'activité illicite;
- 4° il supprime ou désactive l'accès à l'information en rapport avec un message électronique dans un délai raisonnable après avoir été informé que le message électronique est préjudiciable aux droits d'un tiers.

Article 14: Notification de retrait

La personne subissant le préjudice adresse à l'intermédiaire ou au prestataire de service ou à son agent désigné une notification écrite de l'activité illégale.

Iyo nyandiko igomba kugaragaza:

- 1° amazina n'umwirondoro by'ubangamiwe;
- 2° umukono usanzwe cyangwa koranabuhanga w'ubangamiwe;
- 3° uburenganzira bwabangamiwe ubwo ari bwo;
- 4° impamvu zishingirwaho zigaragaza ko amategeko atubahirijwe.
- 5° igisabwa kugira ngo ikibazo gikemuke;
- 6° numero ye ya telefoni na email ye niba izwi.
- 7° kwiyeherera mu nyandiko ko ubusabe bwe nta kibi bugamije;
- 8° kwiyeherera mu nyandiko ko amakuru atanze ari ukuri.

The notification shall include:

- 1° full names and address of the complainant;
- 2° the written or electronic signature of the complainant;
- 3° rights that have been infringed;
- 4° Justification of the unlawful activity ;
- 5° the remedial action required to be taken in order to resolve the dispute;
- 6° telephone and electronic mail contacts if any;
- 7° a statement that the complainant is acting in good faith;
- 8° a statement by the complainant that the information provided is true and correct.

Cette notification doit inclure :

- 1° les noms, prénoms et adresse du plaignant;
- 2° la signature manuscrite ou électronique du plaignant;
- 3° l'identification du droit violé;
- 4° les motifs ayant servi à établir la violation des lois ;
- 5° les mesures correctives devant être prises ;
- 6° coordonnées téléphoniques et électroniques, le cas échéant ;
- 7° une déclaration indiquant que la personne préjudiciée agit de bonne foi;
- 8° une déclaration du plaignant attestant que les informations fournies sont vraies et correctes.

Umuntu uwo ari we wese umenyekanishije ko igikorwa kitubahirije amategeko ku utanga serivisi azi ko atavuga ukuri ku byabaye aba akoze ikosa kandi abazwa ibyangijwe n'ibyo

Any person who notifies an unlawful activity to the service provider knowing that there is no truth contained therein as regards the facts commits an offence and is liable for damages

Toute personne qui adresse une notification d'une activité illégale à un prestataire de service en sachant qu'il déforme les faits matériellement commet une infraction est

yakoze.

for false notification.

assume la responsabilité pour la réparation du dommage causé par son acte de mauvaise foi.

Umuhuza cyangwa utanga serivisi yo gutanga icyemezo koranabuhanga ntaryozwa ikuraho rikozwe hashingiwe ku busabe budafite ukuri.

An intermediary or a certification authority is not liable for a takedown in response to a wrongful notification.

Un intermédiaire ou un prestataire de service de certification électronique n'est pas responsable du retrait illicite en réponse à une notification.

UMUTWE WA IV: GUHEREREKANYA INYANDIKO KORANABUHANGA ZIBITSWE

CHAPTER IV: COMMUNICATION OF ELECTRONIC MESSAGES

CHAPITRE IV : COMMUNICATION DE MESSAGES ELECTRONIQUES

Ingingo ya 15: Agaciro k'ubutumwa koranabuhanga hagati y'abandikiranye

Article 15: Value of electronic messages among parties

Article 15 : Reconnaissance par les parties des messages électroniques

Icyemezo cy'ubushake cyangwa iyindi nyandiko hagati y'uwohererejwe na nyirubwite w'inyandiko koranabuhanga bigumana agaciro bihabwa n'itegeko kandi bigashyirwa mu bikorwa.

A declaration of interest or any other statement between the receiver and the owner of the electronic message shall retain its legal validity and shall be enforced.

Une manifestation de volonté ou autre déclaration entre l'expéditeur et le destinataire ne peuvent être privées de leur validité et de leur force exécutoire qu'elles tirent de la loi.

Ingingo ya 16: Inkomoko y'inyandiko koranabuhanga

Article 16: Origin of electronic message

Article 16: Origine du message électronique

Inyandiko koranabuhanga yitirirwa nyirubwite igihe:

An electronic message shall be attributable to the originator where:

Un message électronique est attribuable à l'expéditeur quand :

1° ar iwe ubwe wayohereje;

1° he/she sends it her/himself;

1° il a été envoyé par lui-même ;

2° yoherejwe n'umuntu ufite ububasha

2° the electronic message is sent by a

2° l a été envoyé par une personne

Official Gazette n° 20 of 17/05/2010

bwo gukora mu mwanya wa nyirubwite w'iyonyandiko; cyangwa	person who is authorised to represent the originator; or	autorisée à agir à cet effet au nom de l'expéditeur; ou
3° yoherejwe hakoreshejwe uburyo bwikoresha bwateguwe na nyir'ubwite cyangwa umuhagarariye.	3° the electronic message is sent through an automatic system programmed by the originator or a representative.	3° il a été envoyé par un système d'information programmé par l'expéditeur ou en son nom pour fonctionner automatiquement.
Uwohererejwe inyandiko koranabuhanga ayifata nk'iyonyirubwite igihe:	The addressee of an electronic message regards it as being that of the originator where:	Le destinataire d'un message électronique considère qu'il émane de l'expéditeur quand:
1° hakoreshejwe uburyo bumvikanyeho mu kumenya inyandiko imuturutseho;	1° an agreed procedure has been applied to recognise a message from the originator;	1° il a été correctement appliqué une procédure convenue pour reconnaître le message émanant de l'expéditeur;
2° iturutse ku muntu ufitanye isano na nyirubwite cyangwa umukozi wa nyirubwite wahawe ubushobozi bwo kumenya uburyo bukoreshwa na nyirubwite kugirango amenye inyandiko koranabuhanga nk'iyeye.	2° the electronic message comes from a relative of the originator or an employer of the originator who is authorised to identify the methods used by the originator in order to know electronic documents similar to his/her.	2° le message électronique émane d'une personne qui, de par ses relations avec l'expéditeur ou un agent de celui-ci, a eu accès à une méthode que l'expéditeur utilise pour identifier comme étant de lui les messages électroniques.
Inyandiko itakaza agaciro iyo :	Electronic message shall be considered invalid where:	Un message électronique perd sa valeur quand:
1° uwakiriye inyandiko yamenyeshajwe mu gihe gikwiye na nyirubwite ko iyo nyandiko atari iye;	1° the receiver of the message has been notified on time by the originator that the message is not his/her;	1° le récepteur a été avisé par l'expéditeur que le message électronique n'était le sien;
2° uwohererejwe yari azi cyangwa yari	2° the addressee knew or had means to	2° le destinataire savait, ou avait les

afite uburyo bwo kuba yamenya ko inyandiko koranabuhanga atari iya nyirubwite.

know that the electronic message is not from the originator.

moyens de savoir que le message électronique n'émane pas de l'expéditeur.

Uwohererejwe asabwa kwemera ko buri nyandiko koranabuhanga yakiriye ifatwa nk'inyandiko koranabuhanga nshya, kandi akayifata atyo keretse iyo yari azi cyangwa yashoboraga kumenya ko ari inyandiko koranabuhanga ya mbere yisubiyemo.

The addressee has to regard each electronic message received as a separate new electronic message and to act on that assumption, except to the extent that he/she knew or was able to know that the electronic message is a duplicate of the first one.

Le destinataire est tenu de considérer comme nouveau chaque message électronique reçu et à agir en conséquence, à moins qu'il ne sache ou pouvait savoir qu'il s'agit d'un duplicata du même message.

Ingingo ya 17: Kwemeza ko inyandiko yakiriwe

Article 17: Acknowledgement of receipt

Article 17 : Accusé de réception

Uwohereje ubutumwa ashobora gusaba uwo abwoherereje kwemeza ko abwakiriye.

